# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-19 | TARIKI 24 - 30 KAMENA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31

AMAKURU


Perezida Kagame yakiriye Obasanjo wayoboye Nigeria



2

AMAKURU

Qatar Airways yasubukuye ingendo zihuza Kigali na Doha



4

UBUKUNGU

Ingengo y'imari ya 2025/2026 ingana na miliyari 7 032,5 Frw yemejwe



8

SIPORO

APR BBC yatsinze Patriots isanga REG BBC ku mukino wa nyuma wa kamarampaka



22

# FDLR yambuye icyubahiro Majoro Ndayambaje agihabwa n'Ingabo z'u Rwanda



Majoro Ndayambaje asanga yarabeshywe ahubwo u Rwanda rwateye imbere cyane

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ubusanzwe kuzamuka mu ntera mu gisirikare bijyana no kubona impinduka mu buzima, ufite ipeti rya Majoro aba ari umuntu ukomeye, ariko si ko bimeze kuri Majoro Ndayambaje Gilbert wicuza kuba yarabaye umusirikare mukuru ariko akaba afite abana batakandagiye mu ishuri, na we ubwe ubuzima bwe bukaba bwaramubereye ibihombo gusa.***

Yishimira ko yabonye icyubahiro gikwiriye umusirikare mukuru ubwo yakirwaga n'Ingabo z'u Rwanda nubwo zitari gukuraho ibihombo by'imyaka 27 yamaze asiragira mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) nk'umurwanyi w'umutwe w'iterabwoba wa FDLR.

Maj. Ndayambaje wari uzwi ku izina rya ry'akazi rya "Castro" muri FDLR, yicuza iyo myaka 27 yamaze mu mashyamba ya Congo arwana urugamba rutagira icyerekezo, aho yagiye yica, asahura, ariko ubuturo bwe ari imyobo yihishagamo nk'inyamaswa.

Maj. Ndayambaje uvuka mu Murenge wa Nyange mu Karere ka Musanze, ni umubyeyi w'abana umunani ku myaka ye 49 afite uyu munsi.

KOMEZA KU RUP.3



## Umuyobozi akwiye guhangayikishwa n'abafite ibibazo byo mu mutwe- Dr Kalinda

INKURU KU URUP.2



## U Rwanda na RDC byasinyanye amasezerano arimo gusenya umutwe wa FDLR

INKURU KU URUP.4



## Rubavu: Abanyamahoteli n'amacumbi bakangurirwa gutegurira abalikiya udukingirizo

INKURU KU URUP.13

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI



Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye mu Biro bye Olusegun Obasanjo wahoze ari Perezida wa Nigeria

# Perezida Kagame yakiriye Obasanjo wayoboye Nigeria

KAMALIZA Agnes

***Ku mugoroba wo ku wa Kabiri, tariki ya 24 Kamena 2025, Perezida Paul Kagame yakiriye mu Biro bye Olusegun Obasanjo, wahoze ari Perezida wa Nigeria bagirana ibiganiro nyunguranabitekerezo bigamije ubufatanye mu iterambere.***

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro byatangaje ko Perezida Kagame yaganiriye na Obasanjo ku ngingo zitandukanye zirimo izirebana n'ibibazo by'umutekano biri mu karere, ku rwego rw'Afurika ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

Obasanjo yashyizweho n'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'uw'Ubukungu w'Ibihugu bya Afurika y'Amajyepfo (SADC), mu biganiro bigamije gukemura amakimbirane ari mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo (DRC).

Mu 2021, uwahoze ari Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, (AU), Moussa Faki Mahamat yamuhaye inshingano nshya zo kumuhagararira mu biganiro bigamije kuzamura amahoro n'umutekano karere.

U Rwanda na Nigeria bisanzwe bifitanye umubano ushingiye kuri dipolomasi, ubucuruzi, ikoranabuhanga, uburezi n'umutekano.

Ni umubano kandi ugamije ku bufatanye burambye bwubakiye ku nyungu rusange z'Umugabane wa Afurika.

Abashoramari ba Nigeria bakorera mu Rwanda imishinga itandukanye irimo ishingiye ku ikoranabuhanga n'ingufu ndetse mu 2022, Nigeria n'u Rwanda basinye amasezerano agamije ubufatanye mu ikoranabuhanga.

Bafatanye kandi mu burezi aho abanyeshuri b'Abanyarwanda biga muri Nigeria ndetse hari n'abo muri icyo gihugu biga mu Rwanda.

Ibihugu byombi bifitanye imikoranire mu by'ubwikorezi bwo mu kirere aho indege ya RwandAir, ikorerayo ingendo mu buryo butandukanye.

Nigeria isanzwe ifite ambasade i Kigali ndetse n'u Rwanda rufite ambasade i Abuja.

# Umuyobozi akwiye guhangayikishwa n'abafite ibibazo byo mu mutwe- Dr Kalinda

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Sena Dr Kalinda Francois Xavier yagaragaje ko buri muyobozi wese akwiye guhangayikishwa n'ibibazo byo mu mutwe abantu bafite, bityo inzitizi zihari zo kutabirwanya zigakurwaho.***

Yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 25 Kamena 2025, ubwo yatangizaga Inama Nyunguranabitekerezo ku buzima bwo mu mutwe yateguwe n'Abasenateri yitabiriwe n'abari mu nzego zitandunye barimo abakora muri Minisiteri y'Ubuzima.

Yagize ati: "Uko turi hano ntawe udafite cyangwa utazi, ufite ikibazo cyo mu mutwe, kandi ntawe utazi uburyo umubare w'ababifite ugenda wiyongera, haba hakiri inzitizi cyangwa imbogamizi ku bafite ibyo bibazo.

Yunzemo ati: "Nkuko bigaragazwa n'ubushakashatsi mu bibazo byo mu mutwe bikunze kugaragara harimo ibijyanye n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Amakimbirane mu miryango, ubusinzi n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge."

Yakomeje avuga ko ubushakashatsi bwagaragaje ko mu bafite ibibazo byo mu mutwe muri rusange hivuza bake cyane ugereranyije n'abafite indwara z'umubiri.

Ati: "Mu mbogamizi zikunze kugarukwaho, nkuko byanatugaragariye nk'abagize Sena, hari ibibazo by'ubucucike mu bitaro bivura indwara zo mu mutwe, abaganga badahagije ubuke bw'imiti na bimwe mu bikoresho bikenerwa muri ubwo buvuzi."

Yagarutse no ku bigo nderabuzima bidafite abaganga bahuguriwe ku kwita ku bafite ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe kandi n'inzitizi zishingiye ku muco, imyumvire n'imyemerere bituma abafite ibyo bibazo batereranwa cyangwa ntibafashwe kwitabira ubwo buvuzi.

Perezida wa Sena yasabye abitabiriye Inama nyunguranabitekerezo ya Sena, kubiganiraho kugira ngo bivugutirwe umuti urambye.



Perezida wa Sena, Dr Kalinda Francois Xavier yibukije ko umuyobozi agomba kurazwa ishinga n'ibibazo by'abaturage

Ati: "Nta muyobozi udakwiye guhangayikishwa n'impamvu izo mbogamizi zidakurwaho."

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) mu mwaka ushize wa 2024 cyatangaje ko umubare w'abagabo bafite ibibazo byo mu mutwe, uruta uw'abagore, kandi abagabo 5% by'abarwaye ari bo bivuza gusa.

RBC ivuga ko ikibabaje ari uko ab'igitsina gabo abenshi bajya kwivuza akenshi bajyanwa ku gahato.

Abaganga b'indwara zo mu mutwe bavuga ko ibibazo bitera ubu burwayi bituruka kuri kamere y'umuryango aho usanga umugabo werekanye ko afite ubuzima bwo mu mutwe aba ari igisebo.

Bavuga kandi ko abantu baza kwivuza ari abantu baba barembye cyane bakazanwa n'imiryango cyangwa se abakoresha babo nyuma yo kubabonaho ibimenyetso bidasanzwe.

Ibimenyetso by'umugabo ufite ibibazo byo mu mutwe Inzobere mu buzima bwo mu mutwe zigaragaza ko abagabo bafite ibimenyetso bitandukanye n'iby'abagore mu gihe bagize uburwayi bwo mu mutwe.

Bavuga ko abagabo barangwa no kugira amarangamutima arimo uburakari n'umwaga bikabije mu gihe ku bagore usanga bafite agahinda gakabije.

Ibindi bimenyetso umugabo ufite ibibazo byo mutwe agaragaza harimo kubura ibitotsi, gutakaza icyizere cyo kubaho, akabaho nta ntego ihari, cyangwa icyerekezo.

Ubushakashatsi bwakozwe na RBC mu 2018 bugaragaza ko 20% by'Abanyarwanda usanga bafite ikibazo cyo mu mutwe.





# FDLR yambuye icyubahiro Majoro Ndayambaje agihabwa n'Ingabo z'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagiye muri FDLR mu 1998 afite imyaka 22, akurikirana amasomo ya gisirikare yigishwaga n'ubuyobozi bwa FDLR, ndetse imyaka 27 yose yamaze mu mashyamba yari afite icyizere cyo gutaha agafata Igihugu.

Mu buhamya yahaye Imvaho Nshya, yagize *ati:* "Maze imyaka 27 mbeshywa ko nzataha mu gihugu cyanjye nyuma yo gutsinda urugamba rugamije kurimbura A*batutsi.* Ibi bintu birambabaza cyane. Iyo nibutse imyaka myinshi namaze ndya ibyo nasahuye n'amaraso namennye, ndababara."

Yongeraho ko yari yarabwiwe ko nta Muhutu wemerewe kuba mu Rwanda, ndetse ngo umuntu wese uvuye muri Congo yicwa ako kanya, nyuma yo gufatwa amajwi n'amashusho.

Ati: "Najyaga mbona amashusho ya Kigali n'utundi dusantere, nkagira ngo ni amafoto y'i Burayi, ariko nageze mu Rwanda nsanga igihugu gitekanye, hari ibikorwa remezo byinshi, serivisi z'ubuzima hafi y'abaturage, kandi abaturage babanye neza."

Maj. Ndayambaje yicuza ko abana be umunani nta n'umwe wigeze arangiza amashuri abanza, mu gihe abo yiganye na bo muri Nyange ubu bubatse imiryango myiza, bafite inzu nziza, abana babo biga neza, kandi babayeho mu mahoro.

Yagize ati: "Tekereza abana umunani banjye nta n'umwe uzi kwandika. Nta n'inzu mfite, haba igihugu nakoreyemo intambara ndetse n'icyo mvukamo nahuye n'ibihombo bikomeye."

Ikindi kimutera ipfunwe kurushaho, ngo ni uburyo yakoraga ibikorwa bigayitse ku baturage b'Abanyekongo, abambura ibyo



Majoro Ndayambaje wahoze muri FDLR avuga ko yaje kwifatanya n'abandi kubaka u Rwanda

bafite, abandi akabica kandi ari mu gihugu cyabo.

Yagize ati: "Kuba twararwaniraga mu gihugu cy'abandi duhohotera abenegihugu na byo ni ibintu biteye ipfunwe, twakoze ibikorwa by'urugomo bikomeye, twicaga abana, abagore, abasaza, tukabambura utwabo. Ibyo byose byari amafuti, ndasaba abariyo bose kwibwiriza bagataha, igihugu cyarahindutse,ni iterambere gusa."



Abava mu muri FDLR bishimira uko basabana n'inzego z'umutekano n'abayobozi b'u Rwanda

## 'RDF yampaye icyubahiro gikwiriye umusirikare'

Maj Ndayambaje yahamije ko icyubahiro yaburiye mu mashyamba ya Congo yakibonye ubwo yakirwaga n'Ingabo z'u Rwanda (RDF), aho yahawe ibimukwiye nk'umusirikare wasezerewe ari ku rwego rwa ofisiye.

Uyu mu ofisiye yari mu cyiciro cya 74 cy'abasirikare 170 basezerewe ku mugaragaro mu cyumweru gishize nyuma yo guhabwa amasomo anyuranye abafasha gusubira mu buzima busanzwe batikandagira.

Yagize ati: "Numvaga ko RDF izanyica. Ariko baranyakiriye, bampa icyubahiro nk'umusirikare, ndahabwa icyubahiro ntagize icyo ntakaza. Ubu turasangira, turabyina, turaganira ni ubuzima bushya."

Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Nyange aho Maj. Ndayambaje akomoka, bavuga ko na bo biteguye kumwakirana urugwiro hamwe n'umuryango we aho bazamufasha gukomeza kuryoherwa n'iterambere rishingiye ku bumwe n'ubwiyunge Igihugu cyubatse mu myaka 31 ishize kibohowe.

Mukandekezi Alphonsine, umwe muri abo baturage yagize ati: "Nta kintu cyiza nk'amahoro. Iyo tubonye nibura umwe mu bahoze mu mashyamba ya Congo atashye turanezerwa cyane kuko ni Abanyarwanda baba basubiye mu rwabo aho gukomeza kuba mu icuraburindi mu mashyamba aho umwana atiga ntabone urukingo. Ubu ni bwo buryo Igihugu cyacu kizatera imbere kurushaho duharanira ko abana bacu bakurana amahoro atari amagambo gusa."

Twagirayezu Jean Bosco, umuturanyi wa wa Maj. Ndayambaje, na we ati: "Iyo umuntu yiyemeje kwisubiraho, ntitwamurwanya. Ubu turi mu bihe byo kongera kubaka Igihugu ntawe ugomba guheranwa n'amateka, ahubwo tugomba kwiyubaka twese hamwe."

Nyirahabineza Valerie, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu ngabo (CNDDR), yashimye ubutwari bw'abahoze mu ngabo za FDLR bifuje gutaha, avuga ko u Rwanda rukomeje politiki yo kubakira ku bumwe n'ubwiyunge, kandi rwiteguye kwakira buri wese ushyira intwaro hasi.

Yagize ati: "Ntawe utegekwa gutaha, ariko turakangurira buri wese ugifite imbunda mu mashyamba ko igihe cy'intambara cyarangiye. Igihugu kirahari, gifite amahoro, kandi gikeneye buri Munyarwanda wese. Twakira abantu, tukabafasha gusubira mu buzima busanzwe, tukabaha ubumenyi, ndetse tukanabahuza n'imishinga y'amajyambere."

Yasabye kandi abakiri mu mashyamba ya Congo kudatinya, kuko u Rwanda rutarimo politiki y'irondabwoko, ahubwo ruyobowe n'inzego zitekereza ku iterambere n'imibereho y'abaturage bose.



Qatar Airways yongeye gukorera ingendo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali nyuma y'imyaka itatu yari ishize zisubitswe

## Qatar Airways yasubukuye ingendo zihuza Kigali na Doha

**SHEMA Ivan**

***Sosiyete yo muri Qatar ikora ubwikorezi bwo mu kirere, Qatar Airways, yongeye gukorera ingendo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali nyuma y'imyaka itatu yari ishize zisubitswe.***

Ibi byatangajwe n'Ikigo gishinzwe Ibibuga by'Indege mu Rwanda, RAC, ku wa Gatatu tariki ya 25 Kamena 2025 binyuze mu Itangazo bashyize hanze.

Ati: "Twishimiye cyane kongera kwakira Qatar Airways ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali, nyuma y'imyaka itatu badakora ingendo z'abagenzi berekeza cyangwa bava mu Rwanda. Ibi birerekana intambwe ikomeye mu guteza imbere urwego rw'indege z'abagenzi mu gihugu cyacu no gufungurira amarembo amahanga yo gusura ibyiza bitatse u Rwanda."

Mu 2021 ni bwo iyi Sosiyete yatangaje ko yasubitse ingendo zerekeza Kigali, ariko Qatar Airways isanzwe ifitanye imikoranire na Sosiyete Nyarwanda ikora ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir).

Muri uwo mwaka, ibyo bigo byombi byashyize umukono ku masezerano y'imikoranire abifasha gusangira ibyerekezo, bituma serivisi zabyo zirushaho kwiyongera.

Ingendo za Qatar Airways zagarutse zitezweho kongera umubare w'abanyamahanga baza mu Rwanda, bikazatanga umusaruro ushimishije ku bucuruzi bwo mu Rwanda, ku mahoteli ndetse no ku bakora mu rwego rw'ubukerarugendo.

U Rwanda rukomeje gushora imari mu bukerarugendo, rwigaragaza nk'icyerekezo cya mbere mu bukerarugendo bubungabunga ibidukikije, ahaboneka ibyiza nyaburanga byinshi byo gusura ndetse hakaba n'icyerekezo kigezweho cyo gukoreramo inama n'ibindi bikorwa mpuzamahanga.

Biteganywa ko Qatar Airways izajya ikora ingendo inshuro enye mu cyumweru zihuza Kigali na Doha.

# U Rwanda na RDC byasinyanye amasezerano arimo gusenya umutwe wa FDLR

**ZIGAMA Theoneste**

***U Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu kwimakaza amahoro n'umutekano mu Karere harimo no gusenya umutwe w'iterabwoba wa FDLR.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono ku wa Gatanu tariki ya 27 Kamena 2025, i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, akaba yashyizweho umukono n'Abaminisitiri b'Ububanyi n'amahanga b'ibyo bihugu bitatu.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Amb Olivier Nduhungirehe yavuze ko umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi ari ukwiye guherwaho mu gushyira mu bikorwa ayo masezerano.

Ati: "Ikintu cya mbere kizakorwa ni ugutangira gushyira mu bikorwa ibijyanye no gusenya umutwe wa FDLR bigakurikirwa no gukuraho ingamba z'ubwirinzi zashyizweho n'u Rwanda.

Ibi bishingiye ku bushake bwagaragajwe hano bw'icyemezo gishingiye ku bimenyetso cyo guhagarika gufasha FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro. Uwo ni wo musingi w'umutekano n'amahoro mu Karere kacu."

Yakomeje agira ati: "Tugomba kuzirikana ko hari ibintu bigari bitarasobanuka mu Karere kacu no hanze yako, kubera ko amasezerano yasinywe mu gihe cyashize ntabwo yashyizwe mu bikorwa. Nta gushidikanya ko uyu muhanda uri imbere utazoroha.

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwiyemeje gufatanya na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika n'abandi bafatanyabikorwa, kandi rwizeye ko intego y'amahoro n'umutekano izagerwaho.

Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga wa RDC, Therese Kayikwamba yavuze ko gusinya aya masezerano ari uburyo bushya bwo gushyigikira amahoro kandi ko ari inshinga z'igihugu.

Umunyabanga wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ushinzwe ububanyi n'amahanga, Marco Rubio wayoboye aya masezerano yavuze ko gufasha u Rwanda na RDC gusinya amasezerano y'amahoro biri mu murongo mugari wa Perezida Trump wo kwimakaza amahoro.

Yashimye u Rwanda na RDC bagize uruhare mu gusinya aya masezerano ashima igihugu cya Qatar cyagaragaje gushyigikira gahunda yo kugarura amahoro mu Burasirazuba bwa RDC.

Muri aya masezerano u Rwanda na RDC bemeranyijwe kubaha ubusugire bwa buri gihugu no gukumira amakimbirane, guhagarika imirwano, kwambura intwaro no gushyira mu buzima busanzwe imitwe itari iya leta yitwaje intwaro.

Harimo gushyiraho itsinda rihuriweho rigenzura ibijyanye n'umutekano, gufasha mu gucyura impunzi, gushyigikira ubutumwa bw'Ingabo za Loni ziri muri RDC [Monusco] no gushyiraho uburyo bw'imikoranire mu by'ubukungu mu karere.

Aya masezerano kandi arimo inyandiko igaragaza ibikorwa bihuriweho mu gusenya umutwe wa FDLR.




U Rwanda na RDC byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu kwimakaza amahoro n'umutekano mu Karere





# Kwibuka 31: CHUK banenze abaganga bakoze Jenoside



Umuyobozi Mukuru wa CHUK Dr Ruhunga Tharcisse n'abakozi bibutse ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**KAMALIZA Agnes**

***Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali, (CHUK) byanenze abari abaganga bijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakica abarwayi bari baje bakeneye ubuvuzi nyamara bari bafite inshingano zo kubarokorera ubuzima.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 27 Kamena 2025, mu gikorwa cyabereye ku Rwibutso rwa CHUK ubwo hibukwaga ku nshuro ya 31 abarwayi, abarwaza, n'abandi bari kuri ibyo bitaro bishwe mu 1994 bahorwa ko ari Abatutsi,

Ubuyobozi bw'ibyo bitaro bwagaragaje ko bigayitse kubona intiti n'abanyabwenge bari bafite inshingano zo kubungabunga ubuzima bw'abarwayi ari bo babishe.

Dr. Mpunga Tharcisse, Umuyobozi Mukuru wa CHUK yagaragaje ko abarwayi bari bakeneye kwitabwaho bishwe; ariko ayo mateka adakwiye guherana abantu ngo ababuze inzira yo kwiyubaka.

Yagize ati: "Abakozi bo kwa muganga bari basanzwe bafite inshingano zo kubungabunga ubuzima ariko na bo babaye mu mujyo wo kuvutsa abandi ubuzima. Abana baratemaguwe bari bakeneye uwo kubitaho. Twaciye muri byinshi aho tugeze ni ukwiyubaka kugira ngo tudasigazwa inyuma n'amateka."

Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse Jenoside (IBUKA) washimangiye imyitwarire igayitse y'abaganga bakoze Jenoside, uvuga ko kwibuka atari inzika cyangwa guhora ahubwo ari uguharanira ko amateka mabi yabaye atazasubira.

Habinshuti Rachid, Komiseri wa IBUKA mu Karere ka Nyarugenge yagize ati: "Umuganga yiga gufasha Imana mu gusubiza ubuzima uwahungabanye ariko ntibashyize mu nshingano ibyo bigiye turabanenga."

Habinshuti yashimiye uruhare rw'abaganga ba CHUK n'abandi bose muri rusange bakomeje kugira mu kuvura no kugerageza gusubiza mu buzima busanzwe abagize ihungabana n'ibikomere batewe na Jenoside.

Ibyo bitaro kandi byashimiye abakozi babyo ku bwo kudahwema kwiyubakira Igihugu barengera ubuzima.

Byabasabye kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside himakazwa ndi Umunyarwanda banasigasira amateka.



CHUK bibutse abaganga, abarwaza, abarwayi n'abandi bahiciwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994




Biteganyijwe ko mata y'ifu agiye kwegerezwa abaturage bifuza kuyagura

## Amata y'ifu akorerwa mu Rwanda agiye kujya aboneka mu maduka mato

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ubuyobozi bw'Uruganda Inyange Industries, rukora amata y'ifu, bwatangaje ko mu minsi iri mbere azatangira kuboneka mu maduka hose ku buryo buri wese azashobora kuyagura.***

Ni ibyatangajwe tariki 27 Kamena 2025, ubwo urwo ruganda rwasinyanaga amasezerano y'ubufatanye n'ikigo gitunganya ibiryo bifasha abana gukura neza (AIF: Africa Improved Food).

Umuyobozi w'uruganda rutunganya amata y'ifu, James Kagaba, avuga ko bateganya gukora ku buryo mu minsi iri mbere yazaba yageze mu maduka yose.

Ati: "Hari na gahunda y'uko tugiye gutangira gukora amata mato guhera ku magarama 400 kugeza ku bilo 5kg, ku buryo umuntu yayagura, ni igikorwa kirimo gukorwa vuba kizaba cyarangiye."

Uruganda rumaze igihe kigera mu mezi 11 rukora, rukaba rwakoraga amata agurwa n'inganda, ibigo binini n'amahoteli.

Aborozi bo mu Karere ka Nyagatare ari naho uruganda rwubatse, bavuga ko kurugira byabagiriye akamaro kuko babonye isoko ry'umukamo wabo nkuko bisobanurwa na Gakire Elias.

Ati: "Kera aborozi muri rusange babonaga umukamo bakabura aho bawugemura bitewe no kubura amasoko ariko ubu amata turayagurisha tukabona amafaranga, tukikura mu bukene, tukiteza imbere."

Umuyobozi w'uruganda AIF, Abraham Mathai, avuga ko amata bakora arimo intungamubiri zituma abana batandukana burundu n'ibibazo by'igwingira.

Ati: "Impamvu tuyakeneye ni uko akungahaye ku ntungamubiri zinyongera zikenewe n'abana cyane cyane abakiri bato, kugira ngo bakure nta mirire mibi bafite."

Avuga ko ibiryo bitunganywa n'uruganda abereye umuyobozi bivanzemo ayo mata bizagenda bigezwa mu bigo no mu miryango itishoboye.

Kugeza ubu urwo uruganda rukora amata y'ifu rw'Inyange rufite abakiliya icumi b'imbere mu gihugu, batatu bo muri Tanzania, Kenya, Turkia, Ghana n'ahandi.

Nubwo bimeze bityo ariko, haracyakenewe abafatanyabikorwa benshi kuko uruganda rufite ubushobozi bwo gukora toni 40 z'amata ku munsi baracyakora toni 25 ku munsi kubera isoko rikiri rito.

# WASAC yahumurije abaturage batinze guhabwa amazi meza mu ngo

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC Group) cyahumurije abaturage batinze kugezwaho amazi meza mu ngo, kigaragaza ko ubu gifite konteri zisaga 11 500 zizagabanya igihe abaturage bamaraga bategerejwe kugezwaho amazi meza.***

Icyo kigo kivuga ko izo konteri zihagije ku baturage batinze guhabwa amazi mu ngo kandi kikaba cyaratumije izindi ibihumbi 33 mu rwego rwo kurushaho kongera ingano y'abazihabwa.

Umuyobozi Mukuru wa WASAC Group, Prof. Omar Munyaneza yabibwiye Abadepite bagize Komisiyo ishinzwe kugenzura imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta (PAC), mu biganiro WASAC yagiranye n'abagize iyo Komisiyo cyagarukaga ku bibazo byagaragaye muri raporo y'umugenzuzi w'imari ya Leta y'Umwaka w'ingengo y'imari ya 2024/2025.



**WASAC yabwiye PAC ko ifite konti 11 500 zizoroshya kugeza amazi ku baturage**

Prof. Munyaneza yemeye ko abaturage basaba amazi batahabwa ku gihe, yizeza ko cyavugutiwe umuti urambye.

Yagize ati: "Dufite koko abagiye batinda guhabwa amazi bitewe n'impamvu zinyuranye, harimo rwiyemezamirimo watindaga kutugezaho konteri ariko turavuga ngo reka, dukore isuzuma.

Twashyizeho uburyo abaturage bayasaba binyuze mu ikoranabuhanga, tureba niba abayobozi bacu dufite mu ntara niba babikora."

WASAC yagaragaje ko tariki ya 21 Kamena 2025 ari bwo yatahuye ko hari abaturage basaga 7 102 basabye guhabwa amazi, muri bo 3 979 ni bo byagaragara ko bamaze kuzuza ibisabwa, mu gihe 3 213 bo bakirimo kubyuzuza.

Ati: "Uwo munsi twari dufite mu bubiko bwacu konteri 11 514, bivuze ko ugeraranyije n'ibihumbi bisaga 7 byasabye, abaturage bakwiye kumenya ko dufite kanteri zihagije."

Yavuze ko kandi ubu hatumijwe izindi konteri 33 000 zo gukomeza gukwirakwiza amazi.

Perezida wa PAC, Hon Muhakwa Valens yabajije WASAC ikibura ngo izo konteri ziri mu bubiko zihabwe abaturage basaba amazi.

Yagize ati: "Hanyuma ubu bukererwe buhari, kandi mufite ibikoresho, abantu basaga ibihumbi 7 barasaba, mwebwe mufite konteri mwaha abakiriya ibihumbi 11, ariko bakamara igihe batarasubizwa."

WASAC yasubije ko ifite ikibazo cy'ubuke bw'abakozi bafunga za konteri mu gihe cyo gutanga amazi, aho ubu igiye kubongera binyuze mu gukoresha abikorera basanzwe bakorera amazi abaturage (polombers), bityo bafashe abakozi bayo kuyabagezaho ku gihe.

# Kigali: Abananiwe kurangiza inyubako batangiye bagiye kuzamburwa

**KAMALIZA Agnes**

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwatangaje ko bitemewe ko umuntu atangira kubaka ngo asubikire inyubako hagati, ko abafite izo nzu bari kuganirizwa ku buryo nibatabyubahiriza mu mezi abiri gusa inzu zabo bazazamburwa zigahabwa ababishoboye.***

Umujyi wa Kigali utangaje ibyo mu gihe mu bice bitandukanye hagenda hagaragara inyubako zitararangiye ndetse muri zo hakaba harimo n'izashaje zikirimo kubakwa.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva Samuel mu Kiganiro na RBA ku Cyumweru tariki ya 29 Kamena 2025, yashimangiye ko izo nzu zizahabwa abandi kandi ko abashaka kubaka bagomba kubikora bazi n'aho bazakura ubushobozi kuko nta rwitwazo rwo gusubika ngo amafaranga yabuze kandi habaho uburyo bwinshi bwo kurangiza umushinga batangiye.



**Mu mujyi wa Kigali, abazajya bananirwa kurangiza inyubaka batangiye kubaka bazajya bazamburwa**

Yavuze ko abafite inzu zimaze imyaka zitararangira bari kuganirizwa n'inzego z'Imirenge kandi Umujyi wa Kigali wafashe ingamba ko izo nzu zizahita zihabwa abibishoboye mu gihe bo byakomeza kugaragara ko byabaniniye.

Yagize ati: "Turamenyesha abatuye Umujyi wa Kigali bafite inyubako nk'izo ko ubu twafashe ingamba, inzego z'Imirenge zirimo ziraba-ganiriza mu gihe cy'amezi abiri turashaka uburyo izo nzu abazaba badashoboye kuzirangiza tuzazifata tuzihe abandi bantu bazirangize ntabwo byemewe kugira inzu wayitangiye ntuyirangize."

Dusengiyumva yongeyeho ko itegeko rigenga ubutaka riteganya ko iyo umuturage adakurikije amategeko agenga ubutaka mu gukoresha umutungo we, inzego z'ubuyobozi zifite ububasha bwo kuba zabumwambura zikabuha undi muntu.

Yagaragaje ko hari abitwaza ko bagiye kubanza gushaka ubushobozi kandi baragombaga kubitekereza mbere ariko mu gihe byanze ntibatekereze kwisunga banki ngo ibangurize cyangwa n'abandi bafatanyabikorwa.

Ati: "Niba uteguye umushinga wo kubaka ugomba kuba uzi n'aho uzakura ubushobozi. Niba byanze hari uburyo bwinshi, ushobora gushaka inguzanyo, ushobora kuyigiurisha, ushobora no gufatanya n'umufatanyabikorwa mukayirangiza mugashaka uko mugabana."

Dusengiyumva yagaragaje ko Umujyi wa Kigali ari amarembo y'Igihugu bityo ukeneye guhora usukuye ndetse inzu zigatunganywa kuko iyo bidakozwe zihinduka umwanda.

Yagize ati: "Iyo udafashe inzu yawe neza ihinduka umwanda. Niba dufite abashyitsi baje kudusura bakanyura kuri ya nzu baravuga bati ariko ibi bintu ntabwo bijyanye."

Yavuze ko abantu basabye uruhushya rwo kubaka mu myaka myinshi yashize inzu zabo zikabasaziraho, na byo bidakwiye ahubwo baba bagomba gusaba uruhushya rwo gusana cyangwa bakavugurura kugira ngo bajyane n'icyerekezo cy'Umujyi.

Yongeyeho ko abafite ubutaka ku muhanda batarabasha kubwubaka nta kindi bemerewe gushyiramo uretse ubusitani kimwe n'abafite imzu na bo hagati yabo n'umuhanda nta kindi cyemerewe kujyamo uretse ubusitani.

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali kandi bwagaragaje ko mu rwego rw'imitunganyirize y'Umujyi; abubaka bagomba kuzitira amashansiye n'uruzitiro rugaragaza igishushyanyo cy'uko inzu izaba imeze igihe izaba irangiye.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Kurandura FDLR birenze kubivuga mu magambo*

*Umutwe w'iterabwoba wa FDLR ni nk'umwotsi ugaragara mu kirere cy'ahantu hahiye ugakwira n'ahatarashya, kuko ibibazo uteza mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bikwira Akarere kose.*

*Birashoboka ko nyuma yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibibazo byari kurangira iyo ibihugu by'abaturanyi byubahiriza amahame mpuzamahanga asaba kubanza kwambura intwaro ababihungiyemo no kubacumbikira kure y'imipaka hagakurikiraho inzira yo kubasubiza mu buzima busanzwe.*

*Uyu munsi ikibazo ntikikiri icy'u Rwanda na Congo gusa, kuko imyumvire yateje ibibazo ikomeje no kubiteza no mu bindi bihugu byo mu Karere ikanarenga imbibi zako kuko hari ibihumbi by'abaturage yahejeje ishyanga bambuwe uburenganzira ku gihugu cyabo.*

*Uretse ibibazo by'umutekano muke, FDLR yabaye intandaro yo gusenya umubano w'u Rwanda na RDC n'ibindi bihugu byo mu Karere, ku buryo n'amahanga yisanga asabwa kugira aho abogamira kugira ngo akomeze gusigasira inyungu zayo mu Karere.*

*Mu mpera z'icyumweru gishize, Leta Zunze Ubumwe za Amerika zafashije u Rwanda na RDC gusinya amasezerano y'amahoro atanga icyizere cyo kubaka amahoro arambye mu Karere, kuko agaruka ku bintu by'ingenzi bikwiye gukorwa kugira ngo ayo masezerano atazaba amasigaracyicaro nk'andi masezerano yasinywe mu myaka yabanje.*

*Muri byo harimo kurandura FDLR bizajyana no gukuraho ingamba z'ubwirinzi u Rwanda rwashyizeho mu kugabanya ibyago rutezwa n'uwo mutwe washinze imizi hakurya y'imbibi zarwo.*

*Kurandura uwo mutwe biroroshye kubivuga ariko kubikora bisaba imbaraga zirenze, kuko abawugize bahawe amahirwe yo gukorera mu Ngabo z'Igihugu (FARDC), abandi bakaba bibera mu miryango yabo ku buryo bishobora kutazoroha kubavangura mu gihe cyo kubavangura mu kubahiriza ibikubiye mu masezerano.*

*Kuba ayo masezerano ahari byonyine ntacyo byatanga keretse habayeho ubufatanye buhamye mu kurandura uwo mutwe.*

# U Rwanda rwashimiye Dr. Akinwumi Adesina warwaguriye umubano muri AfDB

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye Perezida ucyuye igihe wa Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB) Dr. Akinwumi Adesina, witabiriye inama ya 28 Ngarukamwaka isesengura ubukungu bw'Isi irimo kubera mu Rwanda.***

Abayobozi bombi bagiranye ibiganiro byibanze ku bufatanye butanga umusaruro hagati y'u Rwanda na AfDB, ndetse n'imikoranire impande zombi zagiranye mu nzego zitandukanye mu gihe cy'ubuyobozi bwa Dr. Akinwumi Adesina.

Dr. Akinwumi Adesina ni we wabaye Perezida wa munani wa AfDB akaba yaratowe bwa mbere ku wa 28 Gicurasi 2015, aho kuri ubu amaze imyaka 10 ayobora urwo rwego nyafurika rw'imari rugira uruhare rukomeye cyane mu iterambere ry'Afurika.

Mu gihe u Rwanda rwishimira umusaruro utangwa n'imikoranire izira amakemwa rufitanye na AfDB, ubuyobozi bwa Dr. Akinwumi Adesina bwabaye intangarugero mu kurushaho kwagura imikoranire.

Iyo banki ikorana na Guverinoma y'u Rwanda mu mishinga inyuranye y'iterambere ishimangirwa n'amasezerano yo gushyira mu bikorwa imishinga mu nzego zirimo amazi, isuku n'isukura, ingufu, ibikorwa remezo, guteza imbere abikorera, guteza imbere ubumenyi bw'urubyiruko n'izindi.

Mu birebana n'amazi, isuku n'isukura, RDB yabaye umufatanyabikorwa w'imena mu guteza imbere urwo rwego Leta yihayemo intego yo kugeza amazi meza n'ibikorwa by'isukura ku baturage bose.

Muri uku kwezi kwa Kamena, u Rwanda na AfDB byasinyanye amasezerano afite agaciro ka miliyoni 255,4 z'amadolari y'Amerika yo gushyigikira ikwirakwizwa ry'amazi n'ibikorwa by'isukura, akanafasha muri gahunda zigamije kubaka ubucuruzi n'ubumenyi.

AfDB ivugwaho kuba yaragize uruhare rukomeye gushyigikira imishinga yo kongera amazi, ibikorwa by'isuku n'isukura by'umwihariko mu Mujyi wa Kigali no mu yindi mijyi y'ingenzi mu gihugu.

Bivugwa ko yagize uruhare mu kubaka ikimpoteri rusange mu Mujyi wa Kigali ndetse ikaba ikomeje no gutera inkunga ishoramari rigamije kongera ingano y'amazi harimo no gushyigikira ubufatanye bwa Leta n'abikorera muri urwo rwego.

Mu birebana n'ingufu, AfDB ifasha u Rwanda kunoza ikwirakwizwa ry'amashanyarazi ndetse no guharanira ko ibikorwa remezo bigera ku baturage bose haba abafatira ku muyoboro rusange w'Igihugu cyangwa abagezwaho amashanyarazi atangwa n'izindi ngufu zisubira nk'izituruka ku mirasire y'izuba n'izindi.

Mu nkunga zigenerwa urwo rwego harimo inyuzwa mu Mushinga ugamije kongera abagerwaho n'amashanyarazi wiswe "Scale up Electricity Access Program (SEAPII)."

Mu mwaka wa 2018, u Rwanda na AfDB byasinyanye amasezerano ya miliyoni 269 z'amadolari y'Amerika yari agamije gushyigikira icyiciro cya kabiri cy'iyo gahunda ya SEAPII yatangiye mu mwaka wa 2013.

Mu bikorwa remezo, AfDB igira uruhare mu nkunga iterwa ibikorwa byo kuvugurura no kwagura umuhanda Kagitumba-Kayonza-Rusumo, umushinga ihuriramo n'Ikigo cy'Abayapani gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (JICA).

U Rwanda rwasinyanye amasezerano na AfDB ya miliyoni 93,1 z'amadolari y'Amerika yifashishwa mu mushinga wo kubaka umuhanda Kagitumba-Kayonza-Rusumo.

Iyi banki nyafurika ikomeje gukorana n'Urwego rw'u Rwanda rw'Iterambere (RDB) mu guharanira iterambere ry'urwego rw'abikorera no kurufasha kurushaho guhanga ibishya.

Ku rundi ruhande, AfDB ikorana n'Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ryigisha Porogaramu za Mudasobwa (Rwanda Coding Academy) mu gufasha urubyiruko kubona ubumenyi bukenewe muri ICT, hibandwa ku kubongerera ubushobozi bwo guhangana mu rwego rw'ikoranabuhanga.

Uretse kuba iyi banki itera inkunga imishinga yo mu Rwanda, inafasha Igihugu mu gushakisha inkunga z'amahanga mu bindi bigo by'imari ku Isi, aho kuri ubu impande zombi zasinyanye amasezerano azafasha u Rwanda kubona nibura miliyoni 200 z'amayero muri banki mpuzamahanga.

Muri rusange, ubufatanye bw'u Rwanda na AfDB bufatwa nk'urugero rukomeye rw'uburyo imikoranire y'ibihugu na banki mpuzamahanga mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye, by'umwihariko mu nzego zirimo ibikorwa remezo, ingufu ndetse no kubaka ubushobozi bwa muntu.



**Perezida Kagame yashimiye Dr. Akinwumi ko yarushijeho gushimangira umubano w'u Rwanda na AfDB**

# Ingengo y’imari ya 2025/2026 ingana na miliyari 7 032,5 Frw yemejwe

**NYIRANEZA Judith**

***Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w’Abadepite, yemeje ishingiro ry’umushinga w’itegeko ry’ingengo y’imari y’umwaka wa 2025/2026 ingana na miliyari 7,032.5 z’amafaranga y’u Rwanda.***

Ni umushinga ugaragaza ko ingengo y’imari iziyongeraho miliyari 1,216.1 Frw, bingana na 21%.

Nkuko ku ya 12 Kanama, 2025, byasobanuwe na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi, Yusuf Murangwa yagaragaje ko ingengo y’imari ya 2025/26 ingana na 7 032 556 390 969 z’amafaranga y’u Rwanda, ikaba yariyongereyeho miliyari 1 216, 2 Frw bingana na 21% ugereranyije n’ingengo y’imari ivuguruye y’umwaka wa 2024/25 yari miliyari 5.816,4 Frw.

Ingengo y’imari ya Leta y’umwaka wa 2025/26 igizwe n’igice cy’amafaranga azinjira n’igice cy’amafaranga azakoreshwa.

Ku bijyanye nuko amafaranga azinjira, miliyari 4 105, 2 Frw azaturuka imbere mu gihugu harimo miliyari 3 628 Frw azava mu misoro na miliyari 477,2 Frw ava mu bindi bitari imisoro.

Andi mafaranga azinjira nk’inkunga z’amahanga azagera kuri miliyari 585,2 Frw naho ay’inguzanyo z’imbere mu gihugu azagera kuri miliyari 190,3Frw, aturuka ku nguzanyo z’amahanga azagera kuri miliyari 2 151,9 Frw.



Inteko Ishinga Amategeko yemeje ingengo y'imari ya 2025/2026

Muri rusange, amafaranga azava imbere mu gihugu hiyongereyeho inguzanyo z’amahanga Igihugu kizishyura afite uruhare rugera kuri 91,7% by’ingengo yose y’imari y’umwaka wa 2025/26, bigaragaza ubushobozi bw’Igihugu cyacu bwo gukomeza kwigira.

Ku bijyanye n’amafaranga azakoreshwa, hasobanuwe ko miliyari 4 352,9 Frw angana na 62% b’ingengo y’imari yose ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y’imari isanzwe naho miliyari 2 679,6 Frw akazakoreshwa mu mishinga y’iterambere n’ishoramari rya Leta.

Ingengo y’imari yasaranganyijwe hakurikijwe inkingi 3 za Gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere.

Kwihutisha iterambere ry’ubukungu byagenewe miliyari 4 417,2 Frw, guteza imbere imibereho myiza y’abaturage byagenewe miliyari 1 526,9 Frw, guteza imbere imiyoborere myiza bigenerwa miliyari 1 085,4 Frw.

Hakomeje hasobanurwa ibikorwa by’ingenzi byahawe umwihariko muri buri nkingi.

#### Mu nkingi yo kwihutisha iterambere

hasobanuwe ko hitawe ku kwihutisha iterambere ry’ubuhinzi n’ubworozi, inganda na serivisi, kongera igenamigambi ry’ibikorwa byongera ubudahangarwa bw’ibidukikije mu nzego zose za Leta, guteza imbere urwego rw’inganda zikora iby’iwacu mu rwego rwo kongera ubwiza bw’ibyoherezwa mu mahanga, no kugabanya icyuho kiri hagati y’ibicuruzwa.

Kongera ingufu mu rwego rw’imari, kongera ibikorwa remezo by’isakazamakuru n’ikoranabuhanga, ingufu, isuku n’isukura, guteza imbereimijyi n’imiturire y’icyaro, gutwara abantu n’ibintu, gushyira imbaraga mu gucunga neza umutungo rusange n’ibindi.

#### Mu nkingi y’imibereho myiza y’abaturage

Hitawe ku kugira abaturage bashoboye kandi bafite ubumenyi bukenewe, babayeho nez,a bafite n’ubuzima bwiza ndetse n’urwego rwo kwivuza ruteye imbere, kuzamura ubushobozi bw’ibigo mbonezamikurire y’abana mu kurwanya imirire mibi n’igwingira mu bana, gushyigikira gahunda yo guteza imbere abaturage bakivana mu bukene, guteza imbere ireme ry’uburezi no guteza imbere umuco w’ubudaheranwa mu Banyarwanda.

#### Mu nkingi y’Imiyoborere Myiza

Hitawe ku guteza imbere imitangire myiza ya serivisi no gucunga imari n’umutungo rusange mu nzego zose, gukomeza gushimangira ireme ry’imiyoborere myiza n’ubutabera, kongera imbaraga ku muturage mu gutanga ibitekerezo mu bimukorerwa, gukomeza gushyira imbaraga mu kubaka amahoro n’umutekano mu buryo burambye no gukomeza kubaka urwego rw’ububanyi n’ubutwererane n’amahanga mu buryo butajegajega.

Ibindi bikorwa by’ingenzi byahawe umwihariko mu ngengo y’imari 2025/26, harimo kubaka Ikibuga Mpuzamahanga gishya cya Kigali, no kwagura ibikorwa bya RwandAir, kwashyura umwenda w’igihugu, gukomeza kugaburira abana mu mashuri, kugura no gutangira ku gihe inyongeramusaruro z’ubuhinzi harimo ifumbire mvaruganda n’imbuto z’indobanuren’ingengo y’imari yagenewe kwakira Shampiyona y’Isi y’amagare 2025.

## RHA ikodesha ishyinguranyandiko miliyoni 33 Frw ‘hari inzu za Leta zipfa ubusa’

**ZIGAMA Theoneste**

***Abadepite bagize Komisiyo ishinzwe gukurikirana imikoreshereze y’imari n’umutungo bya Leta (PAC), babajije Ubuyobozi bw’Ikigo cy’Igihugu cy’Imiturire (RHA), impamvu hari ibigo giha uburenganzira bwo gukodesha ububiko bw’inyandiko bw’asaga miliyoni 33 buri kwezi, nyamara hari inyubako za Leta ziri aho zidakoreshwa.***

Babigarutseho ku wa Kane tariki ya 26 Kamena 2025, ubwo RHA yasobanuriraga PAC ibijyanye n’amakosa yagaragaye muri Raporo y’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta y’umwaka w’Ingengo y’imari 2024/2025.

Visi Perezida wa PAC, Hon Murumunawabo Cecile yabajije RHA ati: “Musobanure impamvu mukodesha ububiko bw’inyandiko, hamwe mukodesha miliyoni 19 n’ibihumbi 700 arenga, ahandi ni arenga miliyoni 14 z’amafaranga y’u Rwanda. Urwo ni urugero rumwe nafashe.”

KOMEZA KU RUP.9





## RHA ikodesha ishyinguranyandiko miliyoni 33 Frw ‘hari inzu za Leta zipfa ubusa’

IBIKURIKIRA URUP.8

Depite Murumunawabo yagaragaje ko aho hakodeshwa na RHA igice cyaho ari cyo gikoreshwa nyamara hose hakishyurwa mu gihe hari inyubako za Leta zigaragara zidakoreshwa.



RHA yabajijwe na PAC impamvu ikodesha ububiko bw’inyandiko bw’asaga miliyoni 33 buri kwezi

Yagize ati: “Komisiyo iribaza, iyo umuntu ababwiye ati nkeneye aha, ntabereka n’ibipimo, n’aho kumanika dosiye akeneye kugira ngo icyo gice na cyo kibe cyagabanywamo ibice. Biri henshi kandi birahendesha Leta.”

Yavuze ko ikibabaje hari n’inyandiko zikiri mu bubiko bukodeshwa menshi nyamara ibizikubiyemo byaramaze gushyirwa mu ikoranabuhanga.

Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Imiturire RHA, Rukaburandekwe Alphonse yavuze ko gukodesha inzu bikorwa mu buryo butandukanye bitewe n’uko bumvikanye na nyirayo.

Yavuze ko hafashwe icyemezo cyo kubungabunga ishyinguranyandiko binyuze mu ikoranabuhanga bityo bikazagabanya n’umubare w’inyubako zikodeshwa.

Ati: “Turi muri gice cyo gushyira mu ikoranabuhanga inyandiko, hari abatangiye kubishyira mu bikorwa ariko ni ibintu bisaba umwanya n’amafaranga menshi kugira ngo bikorwe.”

RHA yavuze ko ikomeje gushyira imbaraga mu gushaka uko inyubako zibungabungabungwa, binyuze mu gukoresha inzu za Leta aho gukomeza gukodesha.

# Banki Nkuru y’u Rwanda yatangaje abemerewe gutanga serivisi mu madovize

**KAYITARE Jean Paul**

***Mu ntangiro z’ukwezi kwa Kamena 2025, Banki Nkuru y’u Rwanda (BNR) yatangaje amabwiriza mashya y’imikoreshereze y’amadovize mu gihugu ndetse inashyiraho ibihano ku barenze ku mabwiriza. Kuri ubu, BNR yagaragaje abemerewe gutanga serivisi mu madovize.***

Amabwiriza ya BNR ategeka ko kwishyuza ibicuruzwa na serivisi mu madevize bibujijwe kandi bihanwa n’amategeko keretse bikozwe nk’uko biteganyijwe muri ayo mabwiriza rusange.

Umuyobozi w’ishami ry’amategeko n’amabwiriza by’urwego rw’imari muri Banki Nkuru y’Igihugu, Mugabe Godfrey, yerekanye abemerewe gutanga serivisi mu madovize mu gihugu.

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 24 Kamena, mu kiganiro ‘Waramutse Rwanda’ cya RBA.

Yagize ati: “Muri aya mabwiriza ya 2023, agaragaza ko abemewe gutanga serivisi mu madovize mu Rwanda, ni abantu cyangwa ibigo mu miterere yabyo bihura n’abanyamahanga cyane.

Bisaba ko boroherezwa kugira ngo bafate amafaranga y’amadovize, abanyamahanga batarinze gusiragira ngo bajye kuvunjisha kuko nk’urugero ntabwo amahoteri yemerewe kuvunjisha.”



BNR yagaragaje abemerewe gutanga serivisi mu madovize

Muri iki cyiciro, harimo hoteli zifite impushya, hakabamo nka hoteli Cassino, ibindi ni amashuri mpuzamahanga nk’uko Mugabe yakomeje abivuga.

Ati: “Mu bukangurambaga u Rwanda rwakoze mu guhamagararira abantu benshi kuza mu Rwanda ari na byo tunashaka n’ubu, hari amashuri mpuzamahanga yaje hano tukavuga tuti niba hari abanyamahanga bigira kuri ayo mashuri kandi kubera ko afite porogaramu zo mu mahanga twakabaye tubemerera bakakira ayo mafaranga y’amadovize.

Amashuri mpuzamahanga noneho hakaba n’ingendo z’ubukerarugendo.

Niba RwandAir igiye kujya i Doha ntabwo ikeneye ngo yishyuze abanyamahanga mu mafaranga y’u Rwanda.

Niba igiye gutwara ba mukerarugendo, ikabakura Kigali ikabajyana i Rusizi ntabwo ikeneye ngo ibishyuze mu mafaranga y’u Rwanda, turayorohereza kugira ngo bishyure, ubwo ni ingendo.

Ariko hari n’izindi ngendo ntoya zifite impushya za RDB, bakabajyana gutembera, kurira imisozi aba nabo barimo.”

Banki Nkuru y’u Rwanda itangaza ko n’undi muntu uwo ari we wese, ikigo icyo ari cyo cyose kitari kuri urwo rutonde, cyandika gisaba uruhushya rwo kwishyuza mu madovize.

Mugabe, umuyobozi w’ishami ry’amategeko n’amabwiriza by’urwego rw’imari muri BNR, yagize ati: “[…] ariko kivuga kiti mu miterere yanjye ya buri munsi nanjye ni iyo miterere mfite, ninjiza amadovize nkishyura mu madovize, nkeneye kwishyuza mu madovize, kiraza kigasaba uruhushya.”

Amabwiriza mashya yashyizwe hanze ku wa 30 Gicurasi 2025 yongerewemo ingingo ya 20 bis, ivuga ko kwishyuza cyangwa kwishyura mu madovize ibicuruzwa cyangwa serivisi byatanzwe cyangwa byatumijwe hanze y’igihugu byemewe.

Ingingo ya 34 y’amabwiriza ya BNR igaragaza ko umuntu ushyiraho igiciro mu madovize, iyo ari ku nshuro ya mbere ahanishwa ihazabu ya miliyoni 5 Frw byaba ubwa kabiri agahanishwa miliyoni 10 Frw.

Iyo umuntu akoze ibikorwa by’ubucuruzi mu madovize, ahanishwa kwishyura 50% by’ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, ku nshuro ya mbere cyangwa akishyura 100% by’ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, ku nshuro ya kabiri kuzamura.

Bisobanurwa ko ibihano byishyurwa mu mafaranga y’u Rwanda hakoreshejwe ikigereranyo cy’ivunjisha ryo ku munsi igihano cyafatiweho.

Iyi ngingo isobanura ko umuntu wese ukoze icyamunara cy’amadevize cyangwa undi wese wabigizemo uruhare, aba akoze ikosa.

Banki Nkuru imuhanisha igihano cy’amafaranga angana na 50% by’ayakoreshejwe mu cyamunara.

Icyamunara cy’amadovize, ni ipiganwa mu igurisha n’igura ry’amadovize rikozwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye rikozwe n’uwo ari we wese, agamije kugurisha ku igipimo cy’ivunjisha cyo hejuru cyangwa kugura ku gipimo cy’ivunjisha cyo hasi.

Umuntu utishyuye amafaranga y’igihano kuri konti yahawe na Banki Nkuru mu minsi 15 uhereye ku munsi yamenyeshejweho igihano, ashyikirizwa ibiro by’amakuru ku myenda kandi agahanishwa 1% ry’amafaranga y’igihano buri munsi w’ubukererwe kugeza igihe yishyuye amafaranga yose.

# Kigali: Agahinda k'ufite ubumuga bwo kutumva no kutavuga wigana n'abatabufite

**KAMALIZA Agnes**

***Yigishwa n'abarimu batazi ururimi rw'amarenga, n'abo bigana ku ishuri bose ni uko, uretse umwana wiga mu mwaka ubanziriza uwo yigamo umufasha gusobanukirwa ibyo yiga nubwo yiga imbere ye.***

Uwo ni Icyizere D'Amour wisanze yiga mu mashuri asanzwe yigisha abana bumva bakanavuga, mu gihe we afite ubumuga bwo kutumva no kutavuga, urugendo bigoye kwiyumvisha ko yiga mu mwaka wa gatanu w'amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro mu ishami ry'amazi (Plumbing) mu Ishuri Ryisumbuye rya Tekiniki 'Gatenga Don Bosco TSS.'

Yavukanye ubumuga bwo kutumva no kutavuga, akura bamuryanira inzara ndetse ababyeyi baterwa agahinda n'amagambo mabi babwirwa n'inshuti, abo mu muryango ndetse n'abaturanyi bavuga ko ntacyo umwana wabo azamara kubera ubwo bumuga.

Nubwo yize amashuri abanza bimugoye ariko byaje kugorana kurushaho ubwo yisangaga mu iryo shuri rya Gatenga Don Bosco TSS riherereye mu Murenge wa gatenga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali.

Avuga ko akigera kuri icyo kigo yasanze nta munyeshuri n'umwe uzi amarenga bimutera kwibeba ku bwo kubura uwo baganira ndetse n'abarimu bamwigisha yasanze nta numwe uzi urwo rurimi, na byo bituma atangira kwibaza niba azashobora kwiga.

Kuva yatangira, iyo agize ikibazo cyangwa hari uwo ashaka kugira icyo abwira amwandikira mu Cyongereza yigiye mu mashuri abanza aho yigaga mu ishuri ryigisha amarenga, undi akaba yamusubiza.

Icyizere avuga akirangiza uwa kane, ageze mu gatanu yagize amahirwe kuri icyo kigo haza umwana uzi amarenga witwa



**Icyizere D'Amour afite icyizere cy'ubuzima bw'ejo nubwo yiga bimugoye**

'Irakoze Serge' wahise aba inshuti ye atyo ubu bakaba baganira; ari na we umufasha kubaza abarimu ibyo atumva akamufasha kubisobanukirwa cyangwa rimwe na rimwe ntabyumve bitewe n'uko amwiga inyuma.

Avuga ko kuba yigishwa n'abatazi amarenga bituma adatsinda neza mu ishuri bikamutera kwigunga no gucika intege akumva ashaka no kuva mu ishuri.

Ati: "Nshika intege nkiheba kuko hari ibyo usanga nsoma simbyumve umutwe ukandya nashaka uwo mbaza simubone nkumva nshatse kuva mu ishuri."

Irakoze babaye inshuti ku bwo kumenya ururimi rw'amarenga, avuga ko akunda gucika intege akajya kumureba amubwira ko atagishaka kwiga kuko yumva ntacyo azimarira.

Irakoze avuga ko iyo amusanze ababaye bajyana kureba umwarimu wabigishije akongera kumusubiriramo ibyo bize amusobanurira.

Ati: "Ajya kureba mwarimu bakandikirana akamubaza mu nyandiko iyo batari kumvikana ku byo ari kubaza, aza kundeba mwarimu akambwira nanjye nkamusobanurira mu rurimi yumva."

### Abarimu bamwigisha bifuza kwiga ururimi rw'amarenga

Abarimu bigisha Icyizere n'abandi bigisha mu yandi mashuri batungurwa n'uburyo babona atsinda nubwo badashobora kumwigisha mu rurimi yumva.

Bahamya ko kuba uwo mwana yigishwa n'abarimu batazi amarenga ari imbogamizi ikomeye bagasaba ko abarezi bose bahabwa amahugurwa ku rurimi rw'amarenga cyangwa Icyizere bakamushakira umuntu wihariye wo kumufasha.

Kabeho Fabien, Umuyobozi wungirije ushinzwe amasomo muri Gatenga TSS, agira ati: "Imbogamizi dufite nta marenga tuzi kuko tugerageza kuvugana mu buryo bw'inyandiko. Haramutse hari nk'Abarimu bazi amarenga cyangwa bagahabwa amahugurwa byadufasha."

Kabeho yongeyeho kuba abarimu batazi amarenga bigira ingaruka ku myigire ye kuko adatsinda ku rugero rushimishije ari na byo bituma asabira amahugurwa abarezi kugira ngo abo bana na bo bafashwe.

### Ubuzima bwa Icyizere bwagoranye kuva mu bwana

Mu kiganiro Imvaho Nshya yagiranye na Mushimiyimana Gloriose, umubyeyi wa Icyizere D'Amour, yagaragaje imbogamizi agifite mu myigire n'inzira iruhije yanyuzemo kugira ngo abe ageze mu mwaka wa gatanu w'ayisumbuye.

Mushimiyimana avuga ko umwana we yavutse nk'abandi ariko aza gutinda kumenya kwicara no kugenda kuko yagize imyaka ibiri atarabimenya.

Avuga ko Icyizere agize imyaka itatu ari bwo yamenye kugenda ariko ategereza ko avuga araheba. Ari muri icyo kigero ngo abantu baramuhwihwisaga ndetse bakamuryanira inzara bavuga ko yabyaye umwana ufite ubumuga.

Icyizere agize imyaka itandatu hari 'Umubikira' wamubajije impamvu umwana we atiga abura icyo amusobanurira ,ariko amurangira ishuri yamujyanaho rifasha abafite ubumuga.

Yaramwumviye akora ibishoboka amujyana mu iryo shuri yigayo amashuri abanza ndetse n'icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye ari na ho yamenyeye kwandika ururimi rw'Icyongereza ari na rwo azi rwonyine rumufasha kugeza ubu.

Mushimiyimana avuga ko umwana we agisoza icyiciro cya mbere cy'abanza atagize amahirwe yo gutsinda ikizamini cya Leta ariko bitewe n'ukuntu yakundaga kwiga nyina afata umwanzuro wo kumushyira mu mashuri y'imyuga.

Ati: "Agitsindwa icya Leta, yarababaye arambaza ati Mama ubu nzabaho nte nzakora iki nintakomeza kwiga.?"

Avuga ko yakomeje kumurwanira ishyaka akamujyana mu mashuri y'imyuga ariko uwo bashakanye akamuca intege kuko n'uyu munsi atarumva neza ko umwana ufite ubumuga yakwiga nk'abandi.

### Ikibazo cya Icyizere kigiye gukurikiranwa by'umwihariko

Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga NCPD, yemeza ko muri rusange abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bagifite imbogamizi mu myigire kuko abarimu benshi batazi amarenga

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD Ndayisaba Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko nyuma yo kumva imbogamizi za D'Amour Icyizere bagiye gushaka uko bamufasha.

Agira ati: "Uwo mwana tuzamusura turebe imbogamizi afite nibirangira dushake igisubizo. Niba ari uguhugura abarimu kuri icyo kigo cyangwa n'ubundi buryo […] Icyo kibazo cye tuzakireba mu buryo bw'umwihariko."

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ruvuga ko hari ingamba zo gufasha abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga kuko

KOMEZA KU RUP.11





## Kigali: Agahinda k'ufite ubumuga bwo kutumva no kutavuga wigana n'abatabufite

IBIKURIKIRA URUP.10

bagiye guhabwa abarimu aho biteganyijwe ko mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri wa 2025-2026 bizatangira.

Dr. Flaura Mutezigaju, Umuyobozi Mukuru wungirije wa REB, avuga ko hari gahunda yo kongerera ubushobozi abanyeshuri biga mu mashuri Nderabarezi, muri TTCs uko ari 16 ku buryo bazajya barangiza bazi neza ururimi rw'amarenga nyarwanda.

Ati: "Ibyo bizabafasha kwigisha abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bazajya bahura na bo igihe bahawe akazi ko kwigisha."

Dr. Mutezigaju yemeza ko hari abarimu 300 bo mu Turere twa Nyanza na Huye bahuguwe umwaka ushize ku kurimi rw'amarenga nyarwanda.

Avuga ko hemejwe inkoranyamagambo y'ururimi rw'amarenga nyarwanda ikaba ari nayo ishingirwaho iyo hatangwa amahugurwa mu gihugu cyose.

REB isaba abarezi kugira umutima wo kumva ko buri mwana wese ashobora kandi agomba kwiga hatagendewe ku bumuga cyangwa imbogamizi afite, n'igihe bagize amahirwa yo kubona amahugurwa ku rurimi rw'amarenga bakarwiga babishyizeho umutima.

Imibare ya REB yo mu mwaka wa 2024 igaragaza ko abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bari mu mashuri ar 2,737.

# Abanyarwanda basaga 1 200 bavuye muri RDC basubiye mu buzima busanzwe

**NYIRANEZA Judith**

***Abanyarwanda basaga 1 200 bari bacumbikiwe mu Nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi mu Karere ka Rusizi, batangiye gusubizwa mu miryango yabo hirya no hino, nyuma yo kuva mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo aho bari barafashwe bugwate n'umutwe wa FDLR.***

Abo Banyarwanda batashye ku wa Mbere tariki ya 23 Kamena 2025, ni abari barahungiye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Habinshuti Philippe yasobanuye ko abo bantu basubiye mu miryango yabo nyuma yo kuganirizwa ku miterere y'Igihugu na gahunda zacyo.



**Abanyarwanda basubiye mu buzima busanzwe nyuma yo kuganirizwa no gusobanurirwa uko Igihugu giteye, basubizwa mu bice bakomokamo**

Yagize ati: "Mu minsi yashize batashye ku bushake, bagaruka mu Gihugu cyabo bamaze ukwezi ahangaha baganirizwa, bakirwa kugira ngo banasobanurirwe Igihugu uko giteye, uko kimeze, umuryango nyarwanda uko uteye nuko bakwiye kuba bawinjiramo ngo bakomeze kugendera kuri gahunda zihari."

Habinshuti kandi yagaragaje ko abaje banafashwa gusubira mu buzima busanzwe, bahabwa iby'ibanze.

Ati: "Bahabwa n'ubufasha bw'ibanze bukenewe, yaba ari ubuvuzi, ibijyanye no kubitaho mu buryo butandukanye kugira ngo basubire mu buzima busanzwe.

Uyu munsi bavuye muri iyi nkambi y'agategano ya Nyarushishi basubiye mu Midugudu, mu Tugari, mu Mirenge aho bakomoka kugira ngo iyo gahunda yo gusubira mu buzima busanzwe ibashe kujya mu bikorwa."

Yavuze kandi ko MINEMA izakomeza kuba hafi abo Banyarwanda basubiye mu miryango yabo, kugira ngo bagire uruhare mu iterambere.

Ati: "Tuzakomeza gufatanya n'Inzego z'ibanze zigiye kubakira, tugakomeza kubafasha ku buryo binjira muri gahunda z'iterambere bagakomeza gufatanya n'abandi Banyarwanda mu iterambere ry'Igihugu."

Umunyamabanga Uhoraho muri MINEMA yanavuze ko baturuka mu Turere 11, hirya no hino mu Gihugu.

Ati: "Abarenga gato 1 200 batashye uyu munsi baturuka mu Turere 11, ariko cyane cyane abenshi ni abo mu Karere ka Rubavu, Rutsiro, Nyabihu, Musanze ariko harimo nabo mu Karere ka Huye, mu Karere ka Gicumbi."

Bageze i Nyarushishi ku wa 19 Gicurasi 2025, aho bahabwaga ubufasha bw'ibanze n'ibiganiro bibereka aho Igihugu kigeze muri gahunda zinyuranye.

# Amafaranga ntazatume uhemukira u Rwanda – Minisitiri Nkurikiyinka

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Nkulikiyinka Christine, avuga ko amafaranga adakwiye gutuma umuntu ataramana cyangwa ngo ahemukire u Rwanda.***

Amasendika ni hamwe mu hashobora kunyurwa n'abagamije gusubiza inyuma u Rwanda cyangwa bakarubona rudatekanye.

Minisitiri Nkulikiyinka yagaragaje ko hari abaterankunga bitwikira mu mutaka wo gutanga inkunga ariko bakagira ibyo bategeka abo bahaye inkunga by'umwihariko binyuze mu masendika.



**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Nkulikiyinka Christine yibukije ko kugira amafaranga bidakwiye gutuma umuntu ahemukira u Rwanda**

Ni ingingo yagarutseho mu biganiro byahuje Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo n'amashyirahamwe y'abakozi n'abakoresha, ku wa Gatanu tariki 27 Kamena 2025, mu Mujyi wa Kigali.

Yagize ati: "Gutaramana u Rwanda ni ikintu gikomeye aho bavuze nabi u Rwanda ntihazagire uvuga ngo ibi ni ibya Guverinoma.

Nimubona mu nama mpuzamahanga harimo abavuga nabi u Rwanda, ni uguhaguruka ukavugisha ukuri, nta mpamvu umuntu yatanga ko atavugiye u Rwanda.

Amafaranga ntazatume uhemukira u Rwanda, icyo kintu tukigumane kandi tucyumvikaneho."

Umwe mu myanzuro yafashwe n'abagize amashyirahamwe y'abakozi n'abakoresha, ugira uti: "Gutarama u Rwanda no guhangana n'abarutaramana, ni inshingano za buri wese."

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, isaba amashyirahamwe y'abakozi n'abakoresha mu Rwanda gukomeza guharanira kwigira.



Hasinywe amasezerano y'ubufatanye hagati y'u Rwanda na Azerbaijan

# U Rwanda na Azerbaijan basinye amasezerano y'ubufatanye

**KAYITARE Jean Paul**

***Guverinoma y'u Rwanda ihagarariwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy K. Afrika, ari kumwe n'abandi bayobozi muri Guverinoma, yasinyanye amasezerano y'ubufatanye na Repubulika ya Azerbaijan yari ihagarariwe n'intumwa zayo ziri mu Rwanda.***

Ubuyobozi bwa RDB bubinyujjije ku rubuga rwa X, bwatangaje ko ku wa Kane tariki 26 Kamena 2025, bwakiriye intumwa zaturutse muri Azerbaijan ziyobowe na Ulvi Mehdiyev, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Serivisi za Leta no guhanga udushya mu iterambere ry'imibereho y'abaturage.

Nyuma y'inama, Umuyobozi Mukuru wa RDB, Jean-Guy K. Afrika, yasinyanye amasezerano y'Ubufatanye (MoU) n'icyo Kigo cya Azerbaijan hagamijwe kugira ubufatanye bwemewe mu gukoresha uburyo bwiza bw'imitangire ya serivisi ku rwego mpuzamahanga.

RDB yagize iti: "Uyu mubano uzafasha u Rwanda mu muhate warwo wo kuvugurura no kunoza imitangire ya serivisi, haba ku baturage ndetse no ku bikorera."

Uruzinduko rwibanze cyane ku guhana ubumenyi no guteza imbere ubufatanye mu gutanga serivisi za Leta zishingiye ku muturage.

Umubano w'u Rwanda na Azerbaijan watangiye ku mugaragaro mu 2017. Azerbaijan ifite umudipolomate uyihagarariye mu Rwanda, ufite icyicaro i Addis Abeba muri Ethiopia naho Ambasaderi Kayonga we afite icyicaro i Ankara muri Turukiya.

Mu mubano w'ibihugu byombi harimo kongera imbaraga mu bufatanye mu nzego z'ingenzi zirimo guteza imbere ishoramari, ubucuruzi no guhanahana ubumenyi ku gusohoza neza imirimo.

# U Rwanda rwamaganye ibitero bya Misile byagabwe kuri Qatar

**SHEMA Ivan**

***Guverinoma y'u Rwanda yamaganye ibitero bya misile byagabwe ku butaka bwa Qatar, ishimangira ko bivogera ubusugire n'ubwigenge bw'iki gihugu.***

Ibi bikubiye mu kiganiro Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda Olivier Jean Patrick Ndungirehe, yagiranye n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga ya Qatar Dr. Mohammed bin Abdulaziz Al-Khulaifi.

Igitero cyagabwe ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki 23 Kamena 2025, ku birindiro by'Ingabo zirwanira mu kirere za Leta Zunze Ubumwe za Amerika ahitwa Al Udeid, nyuma y'uko Leta ya Tehran yavuze ko isubiza ibitero bya Amerika byagabwe kuri site za nikereyeli za Irani.

Itangazo ryashyizwe hanze na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane y'u Rwanda ryavuze ko u Rwanda rwamaganye ibi bitero byagabwe kuri iki gihugu.

Rigira riti: "U Rwanda rwifatanyije kandi rushyigikiye Leta ya Qatar, rwamaganye igitero cya misile cyagabwe ku Kigo cya gisirikare cya Al Udeid kuko binyuranyije n'ubusugire n'ubwigenge ku butaka bwayo."

Ibiro Ntaramakuru by'Abongereza (Reuters) byatangaje ko abayobozi ba Leta Zunze Ubumwe za Amerika bavuze ko ibyo birindiro ari byo bya mbere byibasiwe n'ibitero bya Irani.

Umwe mu bayobozi b'Ingabo za Amerika yavuze ko Ibirindiro by'ingabo zirwanira mu kirere bya Al Udeid byagabweho ibitero bya misile nto ndetse n'izirinda ganiye zaturutse muri Irani.

Uwo muyobozi yavuze ko kugeza ubu nta makuru agaragara y'ibyangijwe n'izo misile, abo zaba zishe cyangwa zakomerekeje. Ati: "Turimo gukurikiranira hafi iki kibazo uko giteye kandi tuzatanga amakuru naboneka."

Nyuma y'icyo gitero Umuyobozi w'Ikirenga wa Irani Ayatollah Ali Khamenei, yavuze ko batigeze bavogera uburenganzira bw'uwo ari we wese, maze yihenura avuga ko batazigera bemerera ubavogera aho yaba aturuka hose, cyangwa ngo bapfukamire uwo ari we wese ubagabyeho igitero.

Ati: "Iyi ni yo myumvire y'Igihugu cya Irani."

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Irani Abbas Araghchi, na we nyuma yunzemo ko igihugu cye cyiteguye kongera gusubiza Amerika igihe cyose izagira ikindi gitero iyigabaho.

Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump, yavuze ko Irani yasubizanyije intege nke, ashimira Qatar yatanze umuburo mbere y'uko icyo gitero kigabwa.

Yagize ati: "Nishimiye gutangaza ko nta Banyamerika bakozweho, kandi nta n'icyangiritse."

Minisiteri y'Ingabo ya Qatar yaje gushimangira ko ingabo zayo zirwanira mu kirere zafashe ibyo bisasu byari birashwe ku birindiro by'Ingabo za Amerika muri Al Udeid.

Itangazo ryashyizwe hanze n'iyo Minisiteri, rivuga ko nta muntu wapfuye cyangwa ngo akomereke, ishimira ubushishozi bw'ingabo za Qatar n'uburyo zihora ziryamiye amajanja.

Guverinoma ya Qatar yashimangiye ko misile 19 ari zo zarashwe ziturutse muri Irani ariko imwe ni yo yaguye kuri Al Udeid na yo ikaba itagize ikintu na kimwe yangiza.

Kugeza ubu abakurikiranira hafi Politiki yo muri kariya Karere bafite impungenge z'uko ibyo ari byo bitero byaba bibaye ibya nyuma bigabwe na Tehran ku bikorwa bya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu bihugu bikikije Irani.



U Rwanda rwamaganye ibitero bya misile





# Rubavu: Abanyamahoteli n'amacumbi bakangurirwa gutegurira abalikiya udukingirizo

**NYIRANEZA Judith**

Abikorera bo mu Karere ka Rubavu bafite amahoteli, amacumbi barakangurirwa kwita ku buzima bw'abakiliya babateganyiriza uburyo bwo kwirinda kwandura virusi itera SIDA, by'umwihariko muri serivisi batanga bagategura n'agakingirizo, hadategerejwe ko umukiliya iyo agakeneye babanza kujya kukagura hanze.

Ubu butumwa bwatanzwe n'*Urugaga rw'abikorera mu Karere ka Rubavu (PSF Rubavu) rushishikariza abikorera bari muri ibyo bikorwa ko muri serivisi batanga hagombye kubamo kubungabunga ubuzima bw'ababagana, muri serivisi bateganya hakabamo n'agakingirizo babarinda kuba bakwandura virusi itera SIDA.*

*Hari mu bukangurambaga urwego rw'abikorera ku bufatanye n'a*banyamakuru bibumbiye mu muryango ABASIRWA, bandika inkuru kuri SIDA basuye amwe mu mahoteli, utubari n'amacumbi byo mu mujyi wa Rubavu bareba uko serivisi batanga harimo n'uburyo bwo gufasha ababagana kwirinda virusi itera SIDA, babateganyiriza agakingirizo.

Umwe mu bafite hoteli mu mujyi wa Rubavu yabwiye Imvaho Nshya ko mu bakiliya baza babagana, iyo hari ukeneye agakingirizo, bajya kukamugurira hanze.

Yagize ati: "Iyo hano haje abakiliya, tubereka ibyumba, hanyuma iyo hari ukeneye kwikingira mu gihe akora imibonano mpuzabitsina, arakadutuma tukajya kukamugurira hanze ya hoteli kandi si kure, nta mpungenge ko batabona ubwirinzi."

Ku bijyanye no kuba badafasha udukingirizo mu byumba, yavuze ko bishobora kubangamira serivisi zindi zitangirwa muri hoteli bitewe n'imyemerere ndetse n'umuco w'abakiliya babagana.

Ucuruza amacumbi we yavuze ko abafite gahunda baza bakizaniye.

Ati: "Iyo hari abaje gufata amacumbi bafite gahunda yo gukora imibonano mpuzabitsina baza bizaniye agakingirizo cyangwa se bakakadutuma, tukajya kukabagurira kandi akenshi abagabo ni bo batinyuka gusaba iyo serivisi."

Umwe mu ndangamirwa yo mu mujyi wa Rubavu waturutse mu Ntara y'Amajyepfo, yavuze ko yagiye iyo kuko ariho abona amafaranga menshi kandi banibuka gukoresha agakingirizo ngo birinde ubwandu.

Yagize ati: "Naturutse mu majyepfo nza ino i Rubavu, umuntu aba ashakisha imibereho, ariko tunirinda, aha ani ho mbona amafaranga kurusha aho nakoreraga mu Mjyepfo."

Uhagarariye koperative Abiyemeje guhinduka Gisenyi y'abahoze ari indangamirwa bakishyira hamwe bagakora ubudozi n'ubukorikori, yavuze ko bigisha abakiburimo ko ari ngombwa kwirinda gukomeza gukwirakwiza ubwandu, babakangurira gukoresha agakingirizo.

Yagize ati: "Twibumbiye muri koperative Abiyemeje guhinduka Gisenyi, dukora ubudozi n'ubukorikori [….] hano dutanga serivisi kuri buri wese, ari umugabo, umugore, kuri bagenzi bacu bakora umwuga w'uburaya.

Serivisi dufite harimo ko dutanga udukingirizo ku buntu, dutanga uburyo bwo kwipima virusi itera SIDA (Self-test) ku buntu, tunafite amavuta afasha abatinganyi."

Yakomeje asobanura ko mu bakora uburaya bagera ku 3564 bari mu Karere ka Rubavu bari mu matsinda yizigama akanagurizanya hirya no hino mu Tugari, abo muri koperative babageraho bagakangurira bagenzi babo kwirinda, bakabigisha gukoresha agakingirizo.

Mu kwegereza abantu uburyo bwo kwirinda ubwandu bwa virusi itera SIDA, mu mujyi hashyizwemo kiyosike zitanga udukingirizo.

Niragire Jean d'Amour ukorera muri kiyosike itari kure ya Petite barriere yavuze ko abantu bakoresha udukingirizo, batakitinya kandi abaza kudushyikira batubona, cyane ko dutangirwa ubuntu.

Yagize ati: "Nta muntu tugurisha agakingirizo, tubutangira ubuntu, abadukeneye baraza iyi serivisi abantu bamaze kuyibonamo, abantu baza gushyikira udukingirizo. Ni abantu b'ingeri zose, abenshi muri bo baza aha ni abamotari, abakarani, abanyeshuri."

Niragire yavuze ko udukingirizo tutajya tuhabura, kandi ku munsi yakira abantu bari hagati ya 20 na 30, ab'igtsina gabo akaba ari bo biganza. bahera saa kumi n'imwe z'umugoroba kugera saa saba z'ijoro

Ati: "Udukingirizo ntitubura hano. Muri uku kwezi baduhaye udukingirizo 14 000, ubu nsigaranyemo 5 000 Iyo ari utw'umunsi umwe tubaha 3, ariko ufite impamvu zihariye tumuha twinshi, dushobora kugera kuri 30.


Ukuriye urugaga rw'abikorera mu Karere ka Rubavu, Rudasigwa Eric yavuze ko bagiye kongera imbaraga mu bukangurambaga kugira ngo mu mahoteli n'amacumbi n'utubari habonekemo udukingirizo.

Ati: *"Mu by'ukuri turabizi ko abacumbikira abantu hatari uburyo bwo kurwanya virusi itera Sida, abadukeneye batuma abakozi bakatubazanira. [….] turateganya gukora ubukangurambaga kugira ngo amacumbi abe afite udukingirizo, nibura aho bakira serivisi uwagakenera nako abe yakabona hafi."*

Urugaga rw'abikorera rukaba rusaba ko abanyamahoteli, utubari n'amacumbi bashyira udukingirizo muri serivisi batanga nk'uko baha umuntu icyumba, isabune n'ibindi.




Ba nyiri amahoteli n'amacumbi basabwa gushyiramo udukingirizo



Nk'uko amahoteli atunganya ibikenerwa nk'ibitanda bishashe neza akwiye no kwibuka gushyira udukingirizo mu byumba

# Gicumbi: Yaretse Kanyanga ashinga atoliye y'ububaji ya miliyoni 8.5 Frw

**KAMALIZA Agnes**

***Shimirwa Palemon w'imyaka 30 uvuka mu Karere ka Gucumbi, Umurenge wa Rubaya, yicuza imyaka hafi itanu yamaze yarasabitswe na Kanyanga ayigotomera nk'amazi, akanayicuruza mu Rwanda ayambukije umupaka wa Uganda.***

Avuga ko kuyicuruza no kuyinywa nta na kimwe byamumariye uretse kumukenesha, ahubwo amaze kubireka ngo yagannye umwuga ufite atoliye y'ububaji y'agaciro k'arenga miliyoni 8 z'amafaranga y'u Rwanda.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Shimirwa yagaragaje ko yisanze acuruza ibiyobyabwenge byambukiranya imipaka kubera agahinda gakabije yari yaratewe no kudakomeza kwiga kaminuza.

Nyuma yo gusoza amashuri yisumbuye mu 2013, avuga ko ari bwo yahise atangira atyo inzira y'ubushomeri ari na byo byamuviriyemo agahinda gakabije katumye ayoboka inzira yo gucuruza ibiyobyabawenge.



Shimirwa yicuza imyaka igera kuri itanu yamaze anywa akanacuruza Kanyanga

Agaragaza ko mu 2014 ari bwo yeruye neza atangira kunywa no gucuruza kanyanga ayambutsa imipaka abifashijwemo n'inshuti ze zo mu rusisiro zabikoraga.

Agitangira ako kazi yabanje kujya akora nka maneko y'ababikoraga kuko yabacungiranga ndetse akamenya aho abashinzwe umutekano bahereye kugira ngo batabafata babone uko bambuka.

Ati: "Kuko ntari menyereye kubinywa kandi bataranyizera batangiye bampa akazi nkajya mbacungira aho abayobozi bari kugira ngo babone uko bayambutsa. Nkajya mbacungira ahari inzego z'umutekano ubwo nanjye bakanyishura 1500 ku ituru bambukije."

Shimirwa akomeza avuga ko amafaranga yakuye muri ubwo bucuruzi ntacyo yigeze amumarira kuko nubundi bayamaraga bayanywera andi bakayinezezamo aho kugira ngo akire akabona ari kurushaho gukena.

Ati: "Numvaga ayo mafaranga ari menshi ariko nubundi ntacyo yamariraga kuko narayabonaga nkongera nkayanywera."

**Uko Shimirwa yaretse kanyanga akinjira mu bubaji**

Akomeza avuga ko nyuma yo kwijandika muri ibyo bikorwa inzego z'umutekano zaje kubafata zibajyana mu kigo ngororamuco; zirabaganiriza zibumvisha ububi bw'ibiyobyabwenge ndetse bahabwa amasomo ajyanye n'imyuga yisanga mu bubaji atyo.

Mu mezi atatu yamaze mu kigo ngororamuco ngo yavuyeyo ari umuntu ukarishye mu mwuga w'ububaji ndetse ahita aza ku isoko ry'umurimo atangira kwikorera mu mwaka wa 2018.

Ati: "Ubu mfite atoliye ikora ububaji natangije igishoro cy'ibihumbi 230 by'amafarangq y'u Rwanda ariko ubu ifite agaciro ka miliyoni 8.5 z'amafaranga y'u Rwanda."

Avuga ko nubwo itaratangira kumwinjiriza agatubutse nk'uko abyifuza ariko ubuzima arimo buruta ubwo yabagamo agicuruza Kanyanga. Ubu yinjiza ari hagati y'ibihumbi 150-200 by'amafarangq y'u Rwanda by'inyungu mu kwezi.

Gusa ngo afite icyizere ko azaba umwe mu bantu bakize mu Rwanda.

Ati: "Nubwo ntarinjiza menshi nkayo nifuza ariko mbasha gukorera abantu ndetse nkabona ko nkenewe muri sosiyete kandi nizeye ko ayo ninjiza azagenda yiyongera."

Avuga ko urugendo rwo kureka gucuruza no kunywa ibiyobyabwenge rushoboka nubwo bidahita bikunda ako kanya ariko buhoro buhoro bigenda biza bitewe n'imbaraga umuntu ashyiramo.

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) kigaragaza ko ibiyobyabwenge ibyo ari byo byose bigwingiza ubwonko ndetse bikica ubuzima bigatuma umuntu adatera imbere.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubuzima bwo mu Mutwe muri RBC, Dr. Gishoma Darius, avuga ko iyo umuntu akoresheje ibiyobyabwenge byica akazi n'ubuzima ndetse byaba byarenga urugero bikaba byavamo n'urupfu.

Yagize ati: "Iyo urubyiruko rukoresheje ibiyobyabwenge byica ubuzima bwabo ariko nanone bikababababuza n'akazi ntibiteze imbere. Ufite akazi agomba kwirinda gukoresha ibiyobyabwenge kuko bimubuza gukora ariko n'utagafite akabikoresha bimujyana kure y'akazi."

Ubu bushakashatsi bwa RBC bwakorewe mu Turere turindwi bwerekanye ko 28.5% by'urubyiruko rwemeye ko runywa ibisindisha, naho 4.4% rwemera ko rwigeze gukoresha ikiyobyabwenge cy'urumogi.

Ibyo bikorwa byagize ingaruka zifitanye isano n'imyitwarire ibangamira ubuzima; nko gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye, kwiyongera kw'ubwandu bwa Virusi itera SIDA (HIV/AIDS), kwiyongera kw'indwara zitandura (NCDs) n'izindi.

Polisi y'u Rwanda igaragaza ko Uturere tw'Umujyi wa Kigali kuva muri Mutarama kugera muri Gicurasi 2025, ari two twagaragayemo ibiyobyabwenge byinshi.

Akarere ka Gasabo ni ko kagaragayemo ibiyobyabwenge byinshi kuko hakozwe amadosiye 222, Nyarugenge amadosiye 110 mu gihe Kicukiro 76.

Abafunzwe babizira ni abantu 418 cyane cyane b'urubyiruko.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco (NRS), kigaragaza ko abagizweho ingaruka no kunywa ibiyobyabwenge mu bigo byose uko ari bine bifite abantu 8 704 muri bo ababaswe na byo bangana na 71%.

Ababaswe n'urumogi ni 1 537 bangana na 17,7%, heroine, (mugo) ni 138 bangana 1,6%, abakoresha kokayine ni 17, ababaswe na kole ni 397, mu gihe abandi bavanga inzoga n'urumogi, urumogi na mugo bagera ku 1, 405 bangana 16,1%.





# Umuhanda Prince House – Masaka ugiye gutangira kuvugururwa

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwatangaje ko umuhanda Prince House-Masaka ureshya na kilometero 10.3 ugiye gutangira kuvugururwa mu kwezi kwa Nyakanga mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'umuvundo w'imodoka ugaragara muri Kigali.***



Kuvugurura umuhanda Prince House- Masaka bizakemura ikibazo cy'umuvundo w'imodoka

Gahunda yo kuvugurura uyu muhanda imaze igihe kinini kuko muri Kamena 2019, Guverinoma y'u Rwanda yagiranye n'iy'u Bushinwa amasezerano y'impano ya miliyoni 42,8$ yo kwifashisha mu kuyishyira mu bikorwa.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Samuel Dusengiyumva, yavuze ko umuhanda Prince House - Masaka uzatangira kubakwa mu kwezi gutaha kwa Nyakanga.

Yagize ati: "Umuhanda wa kirometero 10.3 uzongerwa wa Prince House-Masaka uratangira gukorwa mu kwezi kwa Nyakanga. Ni umuhanda uzakemura ikibazo cy'umubyigano w'imidoka."

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 24 Kamena 2025 mu Nama y'Inteko Rusange yahurije hamwe inzego zibanze mu Mujyi wa Kigali, irimo kubera mu Intare Conference Arena.

Ni inama igamije kuganira ku bimaze kugerwaho mu ngeri zitandukanye ndetse bararebera hamwe ahakeneye gushyirwamo imbaraga kugira ngo bakomeze kubaka Kigali bifuza.




Dusengiyumva Samuel, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali asobanura ko ari umushinga uzatangira gushyirwa mu bikorwa muri Nyakanga

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA) giherutse kugaragaza ko uyu muhanda ureshya n'ibilometero 10.3 uzahabwa ibice bine.

Ubusanzwe wari ufite ibice bibiri binyuramo ibinyabiziga bijya mu byerekezo binyuranye.

**Indi mishinga yagaragajwe n'Umujyi wa Kigali**

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva, yavuze ko hari umushinga wa Kacyiru witwa 'Ramba Hill Project' munsi y'Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal Kacyiru, uzaba ari mwiza kandi uhindure imibereho y'abaturage mu gihe uzaba urangiye.

Abaturage bamaze kwimurwa ndetse ngo n'abatuye hafi ya SOS bagiye kubarirwa bityo na bo bimurwe.

Undi mushinga ugiye gutangira ni uwa Vision City ikiciro cya Kabiri, aho biteganyijwe ko uzasiga hubatswe inzu 160 kandi ko izahindura isura y'Akarere ka Gasabo.

Umujyi wa Kigali utangaza ko undi mushinga 'Mpazi Rehousing Project' mu Karere ka Nyarugenge wagize akamaro nk'uko byagiye bishimangirwa n'abatujwe mu nzu zubatswe binyuze muri uyu mushinga.

**Isuku yakomojweho**

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwavuze ko isuku yo mu nzu abaturage bayishyizemo imbaraga ariko ko hakigaragara ikibazo cy'isuku y'umuhanda wa kaburimbo.

Mu rwego rwo kunoza isuku, Umujyi wa Kigali ugerageza kugenda wubaka ahantu hose kaburimbo.

Dusengiyumva, Meya w'Umujyi wa Kigali, yagize ati: "Turagerageza kugenda twubaka ahantu hose kaburimo. Hazubakwa ibirometero 3 000 bya kaburimbo, ubu hamaze kubakwa ibirometero 700."

Imihanda yo muri karitsiye yinjira mu mihanda minini, Umujyi wa Kigali utangaza ko yakubakwaho nibura amapave muri metero 100 kugira ngo igere muri kaburimbo imyondo byashize ku kinyabiziga.

Umujyi wa Kigali waguze imodoka ikubura umuhanda mu rwego rwo kugira Umujyi ucyeye kandi usukuye. Mu kongera isuku igaragara mu mihanda ya Kigali, Hagiye kugurwa izindi modoka zunganira iyaguzwe.

Yagize ati: "Umwaka utaha hazaba hamaze kugurwa izindi modoka 3 zose hamwe zibe 4 zikora isuku mu muhanda."

Umujyi wa Kigali wijeje ko mu kunoza isuku, hazanubakwa imihanda itari iya kaburimbo kandi myiza.

Muri Masaka ahitwa Rusheshe muri Kicukiro, Mageragere muri Nyarugenge, Rutunga muri Gasabo bagiye kubakirwa imihanda nubwo ngo izaba itari iya kaburimbo.

Mu nkingi y'ubukungu, Umujyi wa Kigali utangaza ko wubatse amashuri, ibiraro, amatara ku muhanda, n'ibindi bikorwa remezo bikomeje kubakwa.

**Ibyangombwa byo kubaka bigiye kujya bitwara igihe gito**

Meya w'Umujyi wa Kigali wavuze ko mu rwego rwo gutanga serivisi nziza mu bijyanye no gutanga ibyangombwa byo kubaka, umuturage azajya ahabwa icyangombwa cyo kubaka mu minsi 10 agisabye.

Dusengiyumva yagize ati: "Bitarenze umwaka utaha umuturage azajya ahabwa ibyangombwa byo ku baka bitarenze iminsi 10."

**Ikibazo cy'ubwiherero cyagarutsweho**

Umujyi wa Kigali wagaragaje ko hakiri ikibazo cy'ubwiherero mu Turere dutandukanye tw'Umujyi wa Kigali.

Meya w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva Samuel, yavuze ko kugeza ubu mu Karere ka Gasabo habarurwa ubwiherero 1 343 butujuje ibisabwa n'inzu zubatse nabi.

Mu Karere ka Nyarugenge habarurwa abaturage 55 batagira aho baba, abaturage 369 bafite ubwiherero butujuje ibisabwa n'abandi 24 batagira ubwiherero n'abandi 77 batuye mu nzu zitameze neza.

Mu Karere ka Kicukiro habarurwa abantu 138 batagira aho baba, abagera kuri 57 bafite ubwiherero butujuje ibisabwa, abaturage 2 ni bo badafite ubwiherero mu gihe 78 bafite inzu zitubatse neza.

Bisobanuye ko mu Mujyi wa Kigali habarurwa abaturage 26 batagira ubwiherero, abagera ku 1759 bafite ubwiherero butujuje ibisabwa, abaturage 193 ntibafite aho baba mu gihe 213 batuye mu nzu zitameze neza.

# Ibiyobyabwenge n'inzoga zikabije biyobya imitekerereze- Dr Dufatanye

NYIRANEZA Judith

***Impuguke zigaragaza ko umuntu wabaswe n'ibiyobyabwenge, icya mbere kimufasha kubivamo ari uko nyirubwite agira ubushake bwo kubireka, naho ubundi ko gukoresha ibiyobyabwenge no gufata inzoga nyinshi biyobya imitekerereze.***



Kunywa inzoga nyinshi si byiza kuko bitera indwara zirimo n'uburwayi bw'umwijima

Tariki ya 26 Kamena, ni umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'ibisindisha, Uyu mwaka ufite insanganyamatsiko igira iti: 'Kwirinda no kuvuza ababaswe n'ibiyobyabwenge ni inshingano za buri wese.

Umuganga ufasha abafite ibibazo bitandukanye by'ubuzima bwo mu mutwe, Dr Dufatanye Edmond yavuze ko kuba umuntu yakira, akava mu kubatwa n'ibiyobyabwenge no kumufasha kubivamo bitangirira ku bushake bwe.

Yagize ati: "Kutanywa ibiyobyabwenge ni uburyo bufasha uwabaswe n'ibiyobyabwenge, icyo afashwa ni ukumufasha kugira ubushake bwo gufashwa, kuko icya mbere ni ukuba afite ubushake kuko nta binini bihari bihindura imitelkerereze ye."

Yasobanuye bumwe mu buryo umuganga yifashisha mu guhinduka, ko amufasha mu buryo bw'imitekerereze, yifashishije indangagaciro usanga hari izo yari afite yigiye ku muryango, bikamufasha kurwanya ikibazo cy'inzoga n'ibiyobyabenge ashingiye kuri za ndangagaciro.

Dr Dufatanye yongeyeho ati: "Kuba imbata usanga ari urugendo yatangiye bimeze nko gukina bikagera aho akazi kakamunanira, undi akava mu ishuri, ugasanga nta cyizere yifitiye. Mu rugendo rwo kubivaho ni ukwiyubakira icyizere, akanagaragaza icyo yifuza."

Mu rwego rw'ubuzima, yagaragaje imwe mu mibare y'ababaswe n'ibiyobyabwenge uko ihagaze kandi ko baba bashaka ko abivuza abivuza biyongera ngo babone ubuvuzi.

Ati: "Imibare iheruka yakozwe mu 2018 ku biyobyabwenge abafite hagati y'imyaka 14-65 abafite uburwayi bujyanye n'ibikoreshwa ry'ibiyobyabwenge banganaga na 0,3%, abafite ikibazo cy'indwara ijyanye n'ubusinzi bari 1,6%.

Ubushakakashatsi bwakozwe mu 2022 ku ndwara zitandura, hakabaho gukoresha inzoga bihurira no gukoresha inzoga. imyaka 18-69, ku bakoresha inzoga bashobora gusanga barwayeHafi inshuro 2 ku bagabo byari hafi 61, ku bagore byari 64."

Dr Dufatanye yakomeje asobanura ko hari ubuvuzi bukorwa umuntu ataha hakaba n'ubukorwa ari mu bitaro, akabanza kondorwa, kuko hari abo usanga batarya, batisukura bazava no mu bitaro bagakurikiranwa.

Ibitaro bifite ubushobozi hari Huye rehabilitation Centrer, CARAES Ndera Icyizere n'ibitaro biri i Kinyinya bigeye kumara umwaka, mu biyaro by'Uturere no ku bigo nderabuzima batanga ku muntu ataha, iyo bagomba kujya mu bitaro yohereza ku bitaro by'Akarere.

SP Viateur Ntiyamira ushinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'abaturage mu Mujyi wa Kigali, yasobanuye ibiyobyabwenge icyo ari cyo.

Ati: "Ibiyobyabwenge ni ikintu cyose kinjizwa mu mubiri w'umuntu kigahindura ubushobozi bwe bwo gutekereza, gufata ibyemezo kikanahindura imikorere y'umubiri we agasigara ayobowe nabyo, kuko ubwenge bwe buba bwamaze kuyoba."

Yavuze ko ibiyobyabwenge bikunze kugaragara ahanini mu Rwanda usanga ari urumogi, hagakurikiraho kanyanga bigakoreshwa mu tubyiniro, mu tubari n'ahandi, akenshi bigaturuka mu bihugu by'abaturanyi cyane cyane muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Yanagaragaje uko bihagaze mu Mujyi wa Kigali.

Ati: "Ibiyobyabwenge ni icyaha gihanwa n'amategeko, aha mu Mujyi wa Kigali kuva muri Mutarama kugera muri Gicurasi 2025, mu Karere ka Gasabo ni ho hagaragaye binshi kuko ni ho byinjirira cyane hakozwe amadosiye 222, Nyarugenge nayo hakozwe amadosiye 110, Kicukiro ni 76 ubwo dosiye zose ni 408. Muri yo hafunzwemo abantu 418 kandi bikagaragara ko abafungwa cyane ari urubyiruko."

Bizimana Servelien, Umuhuzabikorwa w'Ikigo Ngororamuco cya Ngarama mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco (NRS), yagarutse ku mibare y'abagizweho ingaruka kubera kunywa ibiyobyabwenge.

Ati: "Ibigo byose uko ari bine birimo abantu 8 704, muri bo ababaswe bangana na 71%, bagaragara cyane cyane mu babaswe n'inzoga za zindi unywa zikaguhindura ibitekerezo, zikaguhindurira imyitwarire bigeza ku rwego usaba ubufasha, abagera ku 2 721 baje kubera kubatwa n'inzoga."

Yakomeje agira ati: "Ku birebana n'urumogi 1 537 bangana na 17,7%, [....] ikindi kiyobyabwenge heroine (mugo) dufite 138 bangana 1,6%, abakoresha kokayine ni 17, ikindi gikoreshwa n'abana bato ni kole bagera kuri 397, hakaba n'abakoresha ibiyobyabwenge babivanga nko kunywa inzoga n'urumogi, urumogi na mugo bagera ku 1 405 bangana 16,1%."

Ingaruka ku bakoresha inzoga nyinshi n'ibiyobyabwenge harimo uburwayi bwo mu mutwe, umwijima, umutina ndetse na kanseri.





# Rubavu: Barwaza impiswi kubera kutagira amazi meza



Bavoma amazi mabi mu mugezi utemba

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Murenge wa Kanama, Akagari ka Musabike, Umudugudu wa Kabingo bavuga ko kutagira amazi meza bituma bakoresha ayo mu mugezi wa Karambo bikabagiraho ingaruka zirimo indwara zandurira mu mwanda.***

Abo baturage bavuga ko nta mugezi w'amazi meza ubari hafi ku buryo babura aho bavoma amazi bakoresha mu buzima bwabo busanzwe bakajya mu mugezi wa Karmbo utembamo amazi mabi akaba ariyo bavoma, ibintu bahamya ko bibateza indwara bityo bakaba basaba ubuyobozi kubafasha bakabona imigezi hafi yabo.

Uwahaye izina rya Mugarura Marie, umuturage akaba n'Umujyanama w'ubuzima mu Kagari ka Musabike, yabwiye Imvaho Nshya ko ikibazo cyo kutagira amazi meza kibateje impungenge kubera ko barwaza impiswi.

Yagize ati: "Ikibazo cy'amazi hano, kiduteje impungenge kuko dukoresha amazi mabi bigatuma turwaza impiswi n'izindi ndwara zandurira mu mazi mabi. Twakoze ubuvugizi ngo baduhe imigezi duhagarike gukoresha amazi mabi, ariko byaranze. Nta migezi ubu tunakoresha amazi atemba."

Uwahawe izina rya Gashema, utuye mu Mudugudu wa Kabingo, Akagari ka Musabike, Umurenge wa Kanama na we yagaragaje ko kutagira amazi meza bituma bamwe bajya mu mugezi wa Karambo bakavoma ayo gukoresha.

Ati: "Muri uyu Mudugudu nta mazi meza tugira, tunywa amazi ya Karambo atemba ndetse hari n'akandi kagezi ka Nyakaliba tujya kuvomaho amazi atemba. Muri uyu Mudugudu dufite indwara y'impiswi iva muri ayo mazi mabi. Mudukorere ubuvugizi badufashe natwe tubone amazi meza."

Aba baturage bahamya ko kugira ngo bagere ku mazi meza, bibasaba kuva mu Kagari kabo ka Musabike, bakajya mu Kagari ka Rusongati, ahantu bavuga ko kugenda gusa bibasaba isaha yose nk'uko babibwiye Imvaho Nshya.

Bavuga ko kandi iki kibazo bakibwiye ubuyobozi bagasabwa gutegereza ariko ngo bikaba bihora gutyo nk'uko uwo twahaye izina rya Gashema abivaga.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanama Nzabahimana Evariste , yabwiye Imvaho Nshya ko icyo kibazo cy'amazi make bakizi ndetse ko biteguye kugikemura, asaba abaturage kujya bihangana bakajya kuyavomera aho ari birinda kuvoma ayo mu mugezi.

Yagize ati:"Hari umushinga dufite utanga amazi muri ibi bice, bya Musabike, Rusongati na Karambo. Rwose umwaka utaha w'ingengo y'imari, urarangira n'abo baturage babonye amazi kuko umushinga urahari kandi uri hafi gushyirwa mu bikorwa kuko inyigo zararangiye."

Yakomeje agira ati:"Ni umushinga uzafatira ku mushinga munini uzanatwara amazi mu nzuri za Gishwati , akaba ari umushinga uzatanga amazi no mu yindi Mirenge. Icyo twasaba abaturage ni ukuba bihanganye bakajya bajya gushaka amazi aho aria ho gukoresha ay'umugezi utemba."

Nzabahimana Evariste , avuga ko batangiye ibikorwa byo kuganiriza abo baturage badafite amazi, babasaba kudakoresha amazi mabi mu gihe amazi meza atari yaboneka ngo abegere.

Umuyobozi w'Ishami rya WASAC mu Karere ka Rubavu, Mwambutsa Celestin, yabwiye Imvaho Nshya ko hari umushinga wa Volcano Belt, uri guha amazi Imirenge itandukanye y'Akarere ka Rubavu ku buryo bizeye ko n'abo bo mu Murenge wa Kanama, Akagari ka Musabike bazaboneraho.

Umuyobozi kandi yagaragaje ko bazasura abo baturage , bagakora inyigo izabafasha kuyabona vuba.

Yagize ati: "Bizasaba ko tuhasura, hanyuma dusabe ko guhabwa amazi kwabo baturage bishyirwa mu mishinga cyane ko hari umushinga witwa Volcano Belt, uri guha amazi abaturage bo muri Bugeshi, Mudende na Rugerero muri Phase I, nibahava bazajya no mu yindi Mirenge ku buryo n'abo bazayahabwa, ariko turaza kubirebaho dutange raporo bijye muri gahunda ya WASAC".

Mwambutsa Celestin, yahamije ko kandi mu rwego rwo gufasha abo baturage, bazanareba mu ngengo y'imari y'umwaka utaha bagaha abo baturage amazi meza.

Blaise Pascal Irabaruta, umwe mu bayobozi b'Ibitaro bya Karambo byakira abaturage bo mu Kagari ka Musabike, yabwiye Imvaho Nshya ko kubera kutagira amazi , abaturage bo muri ako Kagari barwara cyane indwara z'umwanda, agaragaza ko abagera kuri 30 buri kwezi bajya kwivuza bataka mu nda bitewe n'amazi bakoresha.

Yagize ati: "Nibura nko mu gihe cy'ukwezi twakira nk'abaturage bagera kuri 30 baza bataka mu nda kubera gukoresha amazi mabi cyane ko badafite amazi meza."

Abaturage bo mu Murenge wa Kanama, Akagari ka Musabike, Umudugudu wa Kabingo bavuga ko bakivoma amazi y'umugezi utemba mu gihe ku rwego rw'Akarere kose, abaturage bafite amazi meza bari ku kigero cya 93.5% .

# Gakenke: Umushinga wo kubaka gare wadindijwe na rwiyemezamirimo

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage ndetse n'abatwara ibinyabiziga bakorera ahazwi nk'ahateganyirijwe kubakwa gare ya Gakenke, bavuga ko bamaze umwaka n'igice bategereje ko imirimo yo kuyubaka itangira, ariko amaso yaheze mu kirere.***

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke nabwo bwemeza ko uyu mushinga wadindijwe na rwiyemezamirimo wari waratsindiye isoko, ariko nyuma akaza kwisubiraho. Ubu ngo hafashwe izindi ngamba, zirimo ko abikorera bo muri Gakenke barimo kwishyira hamwe kugira ngo bayubake.

Ubuyobozi buvuga ko mbere byari biteganyijwe ko imirimo yo kubaka gare izatangira muri Mutarama 2024, umushoramari wari buyubake yaje kwisubiraho, bitera igihombo n'akajagari mu baturage bari bategereje ingurane, harimo n'abari basanzwe bafite ibikorwa ahagomba kubakwa.

Uwahawe izina rya Shimirwa Eugene, umwe mu batwara ibinyabiziga, yagize ati: "Twabonye batangiye gupima ahazubakwa gare mu buryo bugezweho, batwizeza ko imirimo izatangira muri Mutarama 2024. Ariko umwaka urashize nta gikozwe. Ibi bidindira bitugiraho ingaruka zikomeye kuko dukorera ahantu hato, habamo umutekano muke, nta bwisanzure. Byaba byiza badubaye gare igezweho."

Undi muturage utegereje ingurane kuko afite inzu y'ubucuruzi ahazubakwa gare ya Gakenke, avuga ko kuba itubatswe bibateza igihombo



Gare ya Gakenke, imirimo yaradindiye

Yagize ati: "Twari twizeye ko uyu mwaka uzarangira dufite gare igezweho, ariko si ko byagenze. Kugeza ubu ntituzi aho gahunda igeze. Twabariwe ingurane, ariko amaso yaheze mu kirere. Hari inzu zasenywe, hari n'ibipangu bisigaye bigaragara nabi, bituma aho gare izubakwa hasa nabi. Turifuza ko ubuyobozi bwihutisha kubaka gare, natwe tukabasha gutera imbere."

Mukandayisenga Vestine, Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, yemeje ko rwiyemezamirimo wa mbere yivanye mu mushinga, ariko ko ubu hari icyizere gishingiye ku bufatanye bw'abikorera bo muri ako karere:

Yagize ati: "Hari umushoramari twari twatangiranye, ariko nyuma yaje kwisubiraho. Indi mbogamizi ni uko hari abaturage badafite ibyangombwa byuzuye kugira ngo bahabwe ingurane. Ubu abikorera bo muri Gakenke barimo kwishyira hamwe kugira ngo bubake gare. Imyiteguro igeze kure, igishushanyo mbonera cyarakozwe, kandi dufite icyizere ko mu minsi ya vuba imirimo izatangira."

Imibare itangwa n'Akarere ka Gakenke igaragaza ko hakenewe ingurane ku baturage **179** kugira ngo haboneke ubutaka buhagije bwo kubakaho gare. Biteganyijwe ko ibikorwa byo kwimura abaturage n'ibyangombwa bizatwara asaga miliyoni 350 z'amafaranga y'u Rwanda

# Nyagatare: Ikiraro cya Nyagashanga cyatwaye miliyoni 50Frw cyoroheje imigenderanire

HITIMAN Servand

***Abaturage b'Utugari twa Nyagashanga na Nyamirama mu Murenge wa Karangazi, barishimira ikiraro bubakiwe cyatwaye asaga miriyoni 50 kiborohereza imigenderanire no guhahirana.***

Abaturage baganiriye n'Imvaho Nshya bavuga ko nta modoka zahanyuraga ndetse abanyamaguru n'abo byabasabaga kujambagira mu isayo, ariko ubu ubuhahirane n'imigenderanire ikaba ari myiza muri utu Tugari.

Mukarukundo Donata ni umwe mu baturage bo mu Mudugudu wa nkoma wakoreshaga iyi nzira.

Yagize ati: "Kunyura aha byari ikibazo. Twazaga haba harimo amazi make tugakuramo inkweto tukajambagira mu biziba ubundi twamara kwambuka tukongera kuzambara



Iyubakwa ry'ikiraro gihuza Utugari twa Nyagashanga na Nyamirama ryazahuye imigenderanire

tugeze hakurya ku misozi. Uyu munsi ni amashimwe kuba aha hantu harabaye nyabagendwa."

Mukundwa Anastasie avuga ko ibi bice bibereye ubuhinzi ariko babangamirwaga no kugeza umusaruro wabo ku isoko.

Ati: "Twasaruraga tukabura aho gushyira imyaka kuko nta modoka zazaga gutwara umusaruro ku masoko, çyane mu bihe by'imvura. Twagerageza gutwara ku mitwe ariko harimo imvune bikanatuma uhendwa. Gukoresha moto ugasanga baraduhenda kandi na bo bakagira impungenge z'uko bagwa mu mazi. Rero iki kiraro kizatuma tutongera guhura n'ibyo bibazo kubera ko ubu imodoka ziza gufata imyaka nta kibazo."

Undi yagize ati: "Imbogamizi twagiraga cyane ni ukugeza umusaruro ku baguzi bacu, wasangaga twikorera ibigori kuko abatwara amagare bagiraga ubwoba bwo kuhambuka. Imodoka ntizashoboraga kunyura hano kubera ubunyereri n'amazi, umusaruro wageraga ku isoko bitugoye cyane pe! Ubu rero byabaye byiza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, yavuze ko ikiraro kigiye guteza imbere ubuhahirane no gufasha ubucuruzi bukorwa no gufasha abaturage kubona serivisi zihuse hirya no hino mu bice bitandukanye.

Iki kiraro kandi ngo bagishyikirijwe mu cyumweru cyo kwibohora aho bakwiye gukomeza inzira yo kwibohora zimwe mu nzitizi zibangamira iterambere.

Yagize ati: "Ni byo koko abatuye Nyagashanga na Nyamirama bari babangamiwe n'ikiraro kitari gihari mu buryo bubafasha neza, ubwo rero kigiye gufasha imigenderanire bitabasabye gukora urugendo rwa kure. Abantu bafite ubuhinzi bakoresha iki kiraro ndetse n'abakora ubucuruzi barangura hirya no hino birabafasha. Ni urugendo rwo kwibohora dukomeje."

Yakomeje asaba abaturage kubungabunga ibikorwa remezo bahabwa

Yagize ati: "Turabibutsa ko kwangiza ibikorwa remezo ari icyaha kandi bihanirwa. Turasaba abaturage baturiye ikiraro n'abagikoresha ko badufasha gucunga umutekano wacyo kandi bakibuka ko bigenewe buri muntu wese akabibyaza umusaruro."

Kiraro cya Nyagashanga cyuzuye gitwaye miliyoni 50 z'amafaranga y'u Rwanda. Uretse iki kiraro, abatuye muri aka gace bavuga ko hari kugenda hegerezwa n'amazi ndetse santere za Nyagashanga na Nyamirama zikaba zarangejejwemo amashanyarazi.





# Musanze: Uwinjiye muri Wazalendo yicuza igihe yataye mu mashyamba ya Congo

NGABOYABAHIZI Protais

***Uwajeneza Rebecca, umugore w'imyaka 21 ukomoka mu Murenge wa Busasamana mu Karere ka Rubavu, yagaragaje agahinda k'igihe yamaze mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, aho yari mu mutwe w'inyeshyamba wa Wazalendo.***

Avuga ko yinjiye muri uwo mutwe afite imyaka 15, ubu akaba yicuza ibikorwa by'urugomo yakoreyeyo, anasaba urubyiruko rw'u Rwanda kwirinda amacakubiri no gukunda igihugu.

Yari umwe mu barwanyi barindaga umuyobozi w'uwo mutwe, General Mbokani Kimanuka Grace, aho avuga ko yakoze ibikorwa byinshi bibi, birimo kwica abasivili no gusahura imiryango.

Uwajeneza yavuze ko yagiye muri Congo mu mwaka wa 2019 agiye gushaka akazi ko kwikorera ibirayi, ahita afatirwa mu mashyamba agirwa umurwanyi.

Yagize ati: "Nari mfite imyaka 15. Nagiye muri Congo nshaka



Uwajeneza Rebecca, umugore w'imyaka 21 yicuza igihe yataye ari mu mashyamba muri Wazalendo

akazi, tuza gufatwa mu mashyamba, sinari mfite uko nigarura, nahise nemera kuba umurwanyi."

Avuga ko yabanje gufatwa n'umutwe wa FDLR akaza kuwucika, ariko nyuma agafatwa na Wazalendo aho yamaze imyaka 6. Yari afite ipeti rya Kapiteni.

Uwajeneza avuga ko ibyo yabonye n'ibyo yakoze byamusigiye ibikomere bikomeye n'agahinda.

Yagize ati: "Twabwirwaga ko tugomba gusahura no kwica abo dusahuye. Nibura, twishe abantu bagera kuri 200. Njye ubwanjye naba narishe umuntu bwa mbere mfite imyaka 16. Nize gukoresha imbunda mu minsi itatu gusa, twicishaga ibyuma n'imbunda, urumva ko ku muntu muto kugira ngo nzabyibagirwe ni ikibazo."

Yongeyeho ko ibyo bikorwa byose byakoranwaga urwango n'amacakubiri bashyirwagamo, aho babwirwaga ko umwanzi wabo ari Umututsi, n'ubwo abenshi batari banafite aho bahuriye n'u Rwanda.

Avuga ko yabaye umupfakazi akiri muto, nyuma y'uko umugabo we yicwa n'umuyobozi wa Wazalendo ubwo yamenyaga ko agiye gutaha mu Rwanda.

Yagize ati: "Nashatse mfite imyaka 19, mfite umwana umwe. Nta nyungu nakuyemo uretse ibikomere byo mu mutima. Ubu ndi umupfakazi, nyamara abo twavukiye kimwe n'abavandimwe banjye bo barimo kwiga muri za kaminuza. Ndasaba urubyiruko gukunda igihugu, no kwishimira amahoro bafite."

Perezida wa Komisiyo ishinzwe gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu ngabo Nyirahabineza Valerie, yavuze ko bamwe mu binjira mu mitwe yitwaje intwaro babitewe n'ibishuko cyangwa imibereho mibi, ariko ko Leta y'u Rwanda ikomeje gukora ibishoboka byose mu kubaha amahirwe mashya, harimo kubafasha kwihangira umurimo.

Yagize ati: "Hari abagiye babeshywa ko bagiye guhabwa akazi, abandi bakajyayo kubera imibereho. Ariko ubu turabigisha imyuga, tugafasha no gushaka ibisubizo birambye. Dushishikariza aba basezerewe kuba intumwa z'amahoro n'ubumwe, no gufasha bagenzi babo kwirinda icyatuma basubira muri ibyo bikorwa."

Uwajeneza Rebecca yabera isomo urubyiruko rw'u Rwanda kuko avuga ko nta mahirwe ahwanye no gukurira mu mahoro, mu gihugu cyawe kigendera ku mategeko, aho ubuzima n'uburenganzira bwa Muntu byubahwa.

Mu cyiciro cya 74 hasezerewe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro bagera ku 170, barimo 128 bakomoka mu Turere twa Nyabihu, Rubavu na Rutsiro, ahaturuka urubyiruko rukunze gushukwa n'imitwe ikorera hafi y'umupaka wa Congo.

# Rutsiro: Bahangayikishijwe n'amafaranga yiswe ikiziriko bakwa ngo bahabwe Girinka

KWIZERA Jean de Dieu

*Abaturage bo mu Karere ka Rutsiro, Umurenge wa Murunda, bavuga ko hari ikibazo cy'abaturage bamwe bakwa amafaranga yiswe 'ikiziriko' kugira ngo bahabwe inka muri gahunda ya Girinka bakavuga ko bituma iterambere ryabo ridindira.*

Aba baturage bagaragaza ko hari ubwo batoranya bamwe mu baturage batishoboye mu Mudugudu ngo bazahabwe Girinka, ariko hasohoka urutonde bagasanga ntibariho babikurikirana bagasanga batswe amafaranga na Mudugudu kuko batashoboye kuyabona bagakurwaho.

Umuturage waganiriye na Imvaho Nshya kuri iki kibazo wahawe izina rya Gashumba avuga ko muri uwo Murenge wa Murunda icyo kibazo gihari yagize ati: "Hari abari bagenewe inka batazihawe. Umuntu arakubwira ngo ngiye kugukorera akantu, ubwo ugahita utekereza icyo avuze.

Hano basaba amafaranga mu buryo butandukanye, hari uwo basaba 20 000Frw, hari n'uwo basaba 40 000Frw, 30 000Frw cyangwa 15 000Frw ugasanga ni ikibazo kuyabona, ubwo yabura inka ikaba iragiye."

Bamwe muri abo baturage bagaragaza ko bo bamaze kubimenyera ariko bakavuga ko bituma hari abatabona uburenganzira bwabo muri gahunda ya Girinka Munyarwanda yashyizweho mu gufasha abaturage kwivana mu bukene.

Undi wahawe izina rya Manirarora yagize ati: "Iyo udafite ayo mafaranga inka ntayo ubona pe. Kuko njye hari uwo narinzi bayasabye, yayabuze burundu ariyemeza ajya no kuguza mu ishyirahamwe bamuha 60 000Frw atangamo 40 000 Frw. Ku rwanjye ruhande numva nta mafaranga bajya baca abantu nk'uko Leta y'u Rwanda yabiteganyije mu gufasha Abanyarwanda kwiteza imbere".

Undi wahawe izina rya Kamana watanze ubuhamya, yagaragaje ko we yabuze Girinka burundu kubera ko nta mafaranga yo gutanga yabonye ndetse bikaba byaramugizeho ingaruka bitandukanye no mu gihe yakabaye yarayihawe.

KOMEZA KU RUP. 20



Umusaruro w'urusenda uraha ifaranga abanyakayonza

# Kayonza: Ubuhinzi bw'urusenda bwabahinduriye imibereho

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Mirenge itandukanye mu Karere ka Kayonza bitabiriye guhinga urusenda bavuga ko ubu buhinzi bwabafashije guhindura imibereho bikabateza imbere.***

Abo baturage babitangarije Imvaho Nshya ubwo bari ku mirima yabo aho banikira umusaruro ndetse n'aho bagurishiriza.

Kuva batangiye guhinga urusenda rufatwa nk'igihingwa ngengabukungu ngo byabahaye amafaranga.

Turatsinze Amos wari ku ikusanyirizo ry'urusenda rya Nyamirama agemuye umusaruro yagize ati: "Mbere nahingaga mvangavanga imyaka bikarangira nta na kimwe mboneye umusaruro. Nyamara aho mpingiye urusenda ubu ndinjiza amafaranga aho nko kuri uyu musaruro maze kwinjiza ibihumbi 600Frw kandi ndacyasarura. Ayo mafaranga amfasha guhaha ibindi nkeneye mu rugo yemwe n'ibyo ntashoboraga kubona mbere."

Mutuyemariya Veneranda wo mu Murenge wa Kabare na we yagize ati: "Ubuhinzi bw'urusenda bwaduhinduriye 'ubuzima. Ni igihingwa gifite isoko aho tunahinga twarahawe n'abazagura umusaruro baduha amafaranga yo kudufasha, yaba mu buhinzi no gukemura ibibazo byo mu ngo zacu. Bivuze ko nta guhingana inzara, nta kubura ubwishyu bw'amashuri y'abana n'ibindi."

Akomeza agira ati: "Iyo twejeje twishyurwa neza. Ubu nkanjye maze kwigurira inka ebyiri mbikesha urusenda, mu gihe rwose nari maze igihe mpingira kurya gusa, simpaze umuryango wanjye. Navuga ko ubu buhinzi bwambereye igisubizo, aho ubu mfite no kwagura ibikorwa byanjye by'iterambere, biturutse ku mafaranga nkura hano."

Urujeni Diane warangije kwiga amashuri yisumbuye umwaka ushize, avuga ko mu gihe agitegereje gukomeza amasomo ye yahisemo kubyaza amahirwe ubuhinzi bw'urusenda ndetse ubu afite icyizere cyo kuziyishyurira.

Ati: "Uko bajyaga ku ishuri nabonaga abantu bashishikariye guhinga urusenda bituma nanjye nsoje nsaba ababyeyi ko bampa ahantu hato ho guhingaho. Ubu ndi gusarura ariko ntakubeshye ifaranga ryandyohanye pe! Mu cyerekezo cyanjye ni uko sizoni iza nzongera ubutaka ngahinga rwinshi, ndetse ubu nagize icyizere ko ngiye kuziyishyurira Kaminuza."

Nyemazi John Bosco, Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza avuga ko urusenda ari kimwe mu bihingwa byitaweho kandi byongera ubukungu bw'abaturage.

Ati: "Tuzi ko abari muri ubu buhinzi buri kubafasha. Dukorana n'abafatanyabikorwa barimo abashoramari kugira ngo hubakwe ibikorwa remezo bijyana no kwita ku musaruro no kuwugeza ku isoko. Ikindi ni ugukorana na bo ndetse n'abashinzwe ubuhinzi mu kuba hafi y'abahinzi cyane hitabwa mu gukumira indwara n'ibyonnyi byabakoma mu nkokora bikaba byatubya umusaruro."

Kugeza ubu abahinga urusenda ku buryo bwa kinyamwuga mu Karere ka Kayonza baboneka cyane mu Mirenge ya Kabare, Nyamirama na Ndego, bageza ku isoko Toni zigera ku 2 000 ku mwaka.



Abaturage bo mu Murenge wa Murunda , mu Kagari ka bavuga ko hari abadahabwa inka ngo kuko nta kiziriko baba batanze

# Rutsiro: Bahangayikishijwe n'amafaranga yiswe ikiziriko bakwa ngo bahabwe Girinka

**IBIKURIKIRA URUP.19**

Ati: "Hano muri Murunda, ikibazo cy'ikiziriko cyambereye ingorane kuko nabuze amafaranga yo gutanga banyima Girinka kandi abaturage bantoranyije none bingiraho ingaruka z'uko ntabasha kwivana mu bukene. Mu dufashe iki kibazo gicike burundu."

Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine agaruka kuri icyo kibazo yahamije ko iyo ari ruswa iba yakwa abaturage kandi bidakwiye, asaba abaturage muri rusange kujya batanga amakuru aho bayatswe ndetse anabizeza ko bigomba gukurikiranwa bigacika.

Ati: "Iyo ngiyo ni ruswa kandi ni icyaha gihanwa n'amategeko ndetse ku Muyobozi hari ibihano birusehoicyo dusaba ni uko abo baturage bajya baduha amakuru, tukabikurikirana dufatanyije na RIB kugira ngo ababatse ruswa bakurikiranwe kandi bahanwe kuko ruswa ntiyihanganirwa igihe cyose yamenyekanira".

Yakomeje agira ati: "Ubutumwa twaha abayobozi ni uko bamenya ko umuturage afite uburenganzira bwo guhabwa Serivisi atishyuye mu gihe yaba itangirwa ubuntu kandi yaba yanishyuye akajya mu isanduku ya Leta. Turabasaba kandi kurushaho kwita ku baturage bashinzwe."

Abaturage bagaragaje icyo kibazo cyane mu Karere ka Rutsiro, ni abo mu Murenge wa Murunda ndetse bakaba babwiwe ko kizakurikiranwa kigakemurwa.






# Gicumbi: Abageze mu za bukuru bize gusoma no kwandika bicuza igihe bataye mu bujiji

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu karere ka Gicumbi, bamwe mu baturage bageze mu zabukuru batangaza ko bicuza igihe cyose bamaze mu buzima batabasha gusoma no kwandika. Bavuga ko kutagira ubwo bumenyi byabagiragaho ingaruka zikomeye mu buzima bwa buri munsi, haba mu mibereho, mu rukundo ndetse no mu mibanire n'abandi.***

Aba baturage bamaze umwaka biga gusoma no kwandika, binyuze mu bufatanye bw'Akarere ka Gicumbi n'umushinga Green Gicumbi, ubu barashima intambwe bateye n'uko ubuzima bwabo bwahindutse.

Kubwimana Jean Claude, w'imyaka 58, utuye mu Murenge wa Kaniga yagize ati: "Kuba narize ngeze mu zabukuru, ariko ndicuza imyaka yose nabuze ubumenyi. Nari impumyi. Nageraga mu kabari nkasinyishwa ku madeni ntazi, rimwe bakananyiba iyo babaga bagomba kungarurira. Ubu ibyo sinakongera kubigwamo kuko ubu narahumutse."



Mukamana Alphonsine, ni umwe mu bishimiye ko yize gusoma no kwandika

Umunsi umwe uwo musore wajyaga amfasha gusubiza amabaruwa akanayamujyanira byarangiye amunyambuye, anyambura urukundo, ubwo namaze kumenya gusoma no kwandika ndumva mvutse ubwa kabiri."

Mukamana Alphonsine, w'imyaka 55 wo mu Murenge wa Mukarange, avuga ko atigeze abona amahirwe yo kwiga, kuko kera higaga abahungu gusa.

Yagize ati: "Mu bihe byacu umukobwa ntiyemererwaga kwiga. Byatumye nzira ubujiji imyaka myinshi. None uyu mwaka wa 2025 ni bwo namenye gukoresha telefone. Mbese nazutse muri uyu mwaka. Ubu ndasoma icyapa, sinzongera kuyoba ku muhanda."

Umuyobozi w'umushinga Green Gicumbi, Jean Marie Vianney Kagenza, avuga ko kwigisha gusoma no kwandika byari ngombwa, kuko ubumenyi bw'ibanze ari ishingiro ry'iterambere.

Yagize ati: "Twahuguye abantu 632 ku bintu bitandukanye: gucunga umutungo, gukorana n'ibigo by'imari, kubungabunga ibidukikije, ubuhinzi bwa kijyambere n'ibindi. Ubu barashoboye kandi barigisha bagenzi babo."

Yongeraho ko kwishyira hamwe mu matsinda byabaye imbarutso y'impinduka mu mibereho n'iterambere mu bukungu.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, yibukije abahawe amasomo kudapfusha ubusa amahirwe bahawe.

Yagize ati: "Turabasaba gukoresha ubumenyi bahawe mu kwihangira imirimo, kwiteza imbere no gufasha abandi bataragira ayo mahirwe, kandi natwe nk'ubuyobozi tuzakomeza kubaba hafi."

Umushinga Green Gicumbi, watangijwe ku ya 26 Ukwakira 2019 mu Karere ka Gicumbi, mu Ntara y'Amajyaruguru, ugamije kongera ubushobozi bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe mu baturage, kugarura no kurengera imigezi n'ubutaka bwangiritse, binyuze mu gusakaza amafunguro no guteza imbere uburyo bw'ubuhinzi buhanga butangiza ubutaka, n'ibindi.

# Rubavu: Bamaze imyaka 3 mu icuraburindi bategereje 'kashipawa'

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Abaturage batuye mu Mudugudu wa Rushubi, Akagari ka Gikombe, Umurenge wa Nyakiliba mu Karere ka Rubavu, babangamiwe no kuba bamaze imyaka igera kuri itatu badafite amashanyarazi, nyuma yo kwizezwa guhabwa kashipawa (Cash Power) ariko amaso akaba yaraheze mu kirere.***

Aba baturage bavuga ko barambiwe kuba mu icuraburindi, bagasaba ko bahabwa amashanyarazi vuba kugira ngo n'abana babo babone uko bajya basubiramo amasomo na bo bagakora ibikorwa bikenera umuriro bibateza imbere.

Murenge wa Nyakiliba, bavuga ko kutagira umuriro w'amashanyarazi bibahejeje mu icuraburundi.

Aba baturage babwiye Imvaho Nshya ko benshi mu badafite uwo muriro basabwe gutegereza kashipawa zikaboneka ariko ngo imyaka ikaba igiye kuba 3 barabuze igisubizo.

Tuyisenge Annociate utuye mu Mudugudu wa Rushubi, Akagari ka Gikombe, Umurenge wa Nyakiliba, agaruka ku ngaruka zo kuba badafite umuriro yagize ati: "Hano tubangamiwe no kuba nta muriro dufite kuko tuba mu icuraburindi. Turasaba ko badufasha kubona Mubazi kuko ubu hagiye gushira imyaka 3 dutanze ibyangombwa."

Uyu mubyeyi asobanura kandi ko babangamiwe n'uko abana babo batabasha gusubiramo amasomo kubera ko badafite umuriro mu nzu.

Undi muturage wagaragaje ko baramutse babonye uwo muriro w'amashanyarazi bakwihangira imiromo, yagize ati: "Hano nakabaye mpashinga 'salon' yogosha ariko hano igice kinini ntabwo kirimo umuriro. Ibi bituma abantu bakora urugendo bajya kure yabo. Hari n'abawufite udakora neza".

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyakiliba Tuyishime Jean Bosco yabwiye Imvaho Nshya ko ikibazo cy'abo baturage kizwi kandi ko kiri gukurikiranwa.

Yagize ati: "Ntabwo ari ikibazo cya mubazi gusa ahubwo bafite n'ikibazo cy'umuriro ubageraho udahagije, turi kubikoraho dufatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG)."

Umuyobozi w'Ishami rya REG mu Karere ka Rubavu Muhire Christian, yabwiye Imvaho Nshya ko babanje gushaka uko bakemura ikibazo cy'umuriro muke muri uwo Murenge kugira ngo babone uko baha abaturage mubazi n'umuriro uhagije.

Yagize ati: "Hari umushinga dufite urimo gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi mu Karere kose. Uwo mushinga rero urimo no kugenda uvugurura imiyoboro yari ishaje mu Karere.

Ku bantu basabye 'Mubazi' n'umuriro mu bihe bitandukanye, twababwira ko twabanje gukemura ikibazo cy'uko wari muke, turabizeza ko mu ngengo y'imari ya 2025/2026 mu mezi atangira turabagira nyambere babone umuriro."

Mu Karere ka Rubavu kugeza ubu ingo zifite umuriro w'amashanyarazi zigeze kuri 80.7%.

## ITANGAZO RY'AKAZI

ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L

SINELAC
Société Internationale
D'Electricité des Pays des
Grands Lacs

Bukavu, le 24/06/2025

N° 456/2025

**AVIS DE RECRUTEMENT D'UN FORMATEUR**

**Intitulé de l'action** : **Formation des techniciens de la Centrale Ruzizi II et du Poste de Dispatching Régional de Mururu II sur la maintenance et les méthodes de diagnostic des pannes**

**Date de publication** : **26/06/2025**
**Date limite de dépôt des candidatures** : **16/07/2025**
**Date d'ouverture des candidatures** : **16/07/2025**

**I. Exposé de motif**

Dans le but de renforcer les capacités de son Personnel, la Société Internationale d'Electricité des Pays de Grands Lacs, SINELAC en sigle, désire recruter une personne morale ou physique en vue d'assurer la formation en faveur de son Personnel des deux Entités Techniques dans les domaines et principes suivants :

*1.* **Techniques de maintenance des équipements électromécaniques et hydromécaniques d'une centrale hydroélectrique**

**1. a. Les règles et précautions pour des interventions saines et sécuritaires.**

La classification des interventions selon le niveau de risque est très importante avant de se lancer aux interventions de diagnostic des pannes ou dépannage. Ainsi un développement des techniques et outils d'analyse du niveau de risques liés à chaque intervention, l'appropriation des leçons apprises des incidents antérieurs ainsi que le développement d'une culture de santé-sécurité des travailleurs au sein de l'entreprise sont des piliers fondamentaux du processus de production et distribution de l'énergie électrique durable assurant un environnement sain et sécuritaire au travail.

**1. b. Les types de maintenance**

**1. b.1.** Notions des opérations de maintenance liée au management de la performance industrielle dite **« Méthode TPM »** (Total Productive Maintenance), qui consiste à développer la Méthode de Maintenance Périodique ou Planifiée (MMP), à la recherche de l'amélioration des équipements, des méthodes, et du savoir-faire des opérateurs de manière continue, afin de convertir le temps nécessaire à l'exécution de nettoyage fastidieux en des **tâches d'inspections.**

**1. b.2** - Opérations de maintenance périodique ou planifiée (**MPC**), qui consiste à l'organisation de la Maintenance Préventive et de la Maintenance Corrective pour prévenir la perte de la productivité.
- Gestion informatisée de la maintenance et sa planification par l'outil moderne.

**2. Méthodes d'analyse et de diagnostic des pannes basées sur les trois principes fondamentaux de Détection, Isolement et Evaluation de la gravité pour permettre aux techniciens :**

- D'être capable d'analyser et d'évaluer l'état de l'équipement en se basant sur les opérations et les résultats d'inspection ;
- D'être capable de diagnostiquer et de corriger les défauts de l'équipement ;
- De pouvoir identifier correctement les causes de défaillance ou des accidents à partir des lectures d'instruments, des indicateurs, des signaux, et des situations anormales de l'équipement, puis réagir de manière rapide et adéquate.
- D'appliquer la Méthode des 5 Pourquoi- 5P dans le processus de diagnostic.
- D'intervenir en toute sécurité des personnes, de l'équipement et de l'environnement.

**3. Méthode des 5 « S » (Sélectionner, Situer, Scintiller, Standardiser et Suivre), d'organisation visant à optimiser le lieu de travail pour afficher un comportement responsable et assurant la propreté et sécurité au poste de travail.**

La méthode 5S, applicable à tout espace de travail (y compris les bureaux), constitue une forme de standardisation des postes de travail, par gestion visuelle. Elle fait en sorte qu'un employé puisse avoir quotidiennement, à portée de la main, l'information, les outils et le matériel requis pour effectuer sa tâche à son poste de travail, et ainsi travailler efficacement et de façon sécuritaire. L'objectif est d'instaurer des espaces de travail efficaces qui s'expliquent et se réglementent par eux-mêmes en tout temps, à l'aide de procédures et d'instructions visuelles.

**II. Principales responsabilités**

Le formateur sera capable d'organiser la formation sur site à la Centrale Ruzizi II située à Mumosho, Province du Sud Kivu en RDC ou à Mururu, District de Ruzizi au Rwanda dans tous les domaines d'intervention, de la maintenance et de la sécurité, santé et environnement au travail tels que cités ci-haut.

Le prestataire pourra proposer d'autres sujets de formation spécifiques liés à la maintenance en général et personnalisées avec des contenus bien adaptés selon les besoins exprimés par le client.

**III. Profil du formateur**

- Avoir un niveau d'Ingénieur en électromécanique, en électricité, en mécanique ou dans des domaines similaires, avec une expérience prouvée de sept ans au minimum dans les domaines ci-hauts cités ;
- Avoir une expérience d'au moins cinq ans prouvée dans la formation en Maintenance ;
- Avoir la maîtrise dans le domaine de maintenance dans les centrales hydroélectriques et dans les postes de dispatching serait un atout ;
- Avoir la maîtrise du français, de l'outil informatique, la formation sera assurée en langue française ;
- Etre disponible durant la période de formation au maximum 10 jours de travail ;
- Etre discret et rigoureux.

**N.B.** *Le soumissionnaire devra présenter un programme détaillé ou réajusté de formation, subdivisé en jours, montrant la suite logique de toutes les activités à faire pendant 10 jours ouvrables au maximum.*

BURUNDI R.D.CONGO RWANDA
Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org

**IV. Du dossier de candidature**

Les dossiers de candidature doivent être envoyés par courrier électronique :

**a. L'offre technique contenant les documents suivants :**

- Une lettre de motivation écrite en manuscrit ;
- Un (des) Curriculum Vitae détaillé (s) mettant en exergue l'expérience professionnelle ;
- Les copies certifiées conformes des diplômes, certificats, attestations ou tout autre document justifiant la formation et l'expérience du candidat ;
- La copie de la Carte d'identité ou du Passeport du candidat ou du représentant de l'entreprise.
- Pour une personne morale, l'enveloppe contiendra les éléments ci-après :
  1) La copie notariée du registre de commerce RCM ;
  2) Des copies des documents originaux définissant la constitution ou le statut juridique, le lieu d'enregistrement et le principal lieu d'activité de l'entreprise ;
  3) L'adresse physique du soumissionnaire (localisation du bureau du soumissionnaire, plus le contrat de location du bureau si le bureau n'appartient pas au soumissionnaire) ;
  4) L'originale ou la copie notariée de l'attestation fiscale encore valable, envers l'administration fiscale du pays d'origine ;
  5) L'originale ou la copie notariée de l'attestation de non redevance encore valable envers l'institution de sécurité sociale du pays d'origine ;
- Description de la conception, de la méthodologie et du plan de travail proposes pour accomplir la mission

**b. Un deuxième message portant la même mention et contenant la proposition de l'offre financière du soumissionnaire**

La sélection sera basée sur les critères qualité et coût, le soumissionnaire qui aura plus de point après la sommation des scores technique et financier sera invité pour la suite du processus. Le score technique sera de 70% et le score financière de 30%.

**V. Dépôt des candidatures**

Le dossier de candidature portant la mention « **candidature au poste de formateur en maintenance et diagnostic des pannes** » rédigées en français, doivent être envoyées électroniquement à l'adresse mail cipm@sinelac.org, (les offres technique et financière devront être protégées chacune par un code secret à donner le jour de l'ouverture des offres) au plus tard le 16/07/ 2025 à 10h00.

Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date limite de dépôt des offres. L'ouverture des offres aura lieu 16/07/2025 à **10h30**.

**MANANGIRAKAMARO Désiré**
**Directeur Technique**

**NDAYISABA Fidèle**
**Directeur Général**

BURUNDI R.D.CONGO RWANDA
Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA MUHANGA
ISHURI NDERABAREZI RYA MUHANGA
B.P: 78 MUHANGA
Tél : 0788598705 & 0787923583
E-mail : ttcmuhanga@yahoo.fr

**ITANGAZO RY'ISOKO N⁰ 001 TTC MUHANGA/2025-2026**

1. Ubuyobozi bw'Ishuri Nderabarezi rya Muhanga (TTC MUHANGA) buramenyesha ba rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga:
   a) **Isoko ryo kudoda no kugemura impuzankano ;**
   b) **Isoko ryo gucunga umutekano w' Ishuri**
   c) **Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro;**
   d) **Isoko ryo gutekera no kugemurira amahugurwa;**
   e) **Isoko ryo kugemura inkwi;**
   f) **Isoko ryo Gukora ibitanda bikoze mu byuma.**

Muri aya masoko hemerewe gupiganwa ba Rwiyemezamirimo bikorera ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe afite ubuzima gatozi, biyandikishije muri RDB, bafite ibyangombwa bisabwa mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa rya buri soko.

2. Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu bunyamabanga bw'Ishuri mu masaha y'akazi, guhera ku itariki ya 27/06/2025 kugeza ku itariki 17/07/2025 herekanywe Ikemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi icumi (10,000Frws) adasubizwa, kuri konti N°100001720281 y'Ishuri Nderabarezi rya Muhanga iri muri Banki ya Kigali (BK).
3. Inyandiko z'ipiganwa eshatu zanditse neza, imwe y'umwimerere n'amakopi abiri zifatanyijwe kandi zifunze neza; zizagezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze ku wa Gatandatu tariki 19/07/2025 saa yine zuzuye z'amanywa (10h00).
4. Ingwate ya:
   - Ibaruwa yo kwiyemeza iriho umukono wa Noteri wemewe n'amategeko kandi itarengeje amezi atatu(3) (Commitment letter) ku masoko twavuze haruguru.
5. Inyandiko z'ipiganwa zigomba kugira agaciro kugeza ku minsi ijana na makumyabiri (iminsi 120) uhereye ku munsi zafunguriweho.
6. Inyandiko z'ipiganwa zizafungurwa mu ruhame mu cyumba cy'Ishuri Nderabarezi rya Muhanga ku wa Gatandatu tariki ya 19/07/2025 saa tanu za mu gitondo (11h00).
7. Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara kuri telefoni igendanwa (0784447895& 0787923583)

Bikorewe i Shyogwe, ku wa 20/06/2025
Umuyobozi w'Ishuri Nderabarezi rya TTC Muhanga
MUKABATESI Jeanne d'Arc





## ITANGAZO

**ANNOUNCEMENT**

To Whom It May Concern.

World Connect, a non-profit, non-governmental organization whose physical address is at KK 20th Avenue, City Vicinity Complex, Kicukiro, Kigali, Rwanda, would like to inform the Rwandan public of their intention to change their legal name from World Connect to World Connect Rwanda.

If anyone has questions or concerns about this change of name, you may reach out to us on email rwandainfo@worldconnect-global.org.

Announcement issued by World Connect leadership.

End of announcement

**ITANGAZO**

World Connect, umuryango utegamiye kuri leta, udaharanira inyungu, ufite icyicaro ku muhanda KK20, mu nyubako ya City Vicinity Complex, Kicukiro, Kigali, Rwanda, urifuza kumenyesha abaturarwanda bose ko ugiye guhindura izina ryawo ukitwa World Connect Rwanda.

Uwaba afite ikibazo kijyanye n'uku guhindura izina ryawo yagishyikiriza ubuyobozi bw'umuryango kuri email rwandainfo@worldconnect-global.org

Itangazo ryatanzwe n'ubuyobozi bw'umuryango World Connect.

# NISR yagaragaje impamvu zimwe zituma ingo zimuka

**NYIRANEZA Judith**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje impamvu zimwe na zimwe zituma ingo zimuka zikajya mu yindi nzu, aho mu 2017-2024 kubaka cyangwa kugura inzu byazamutseho 0,2%, kuko byavuye kuri 26,1% bikagera kuri 26,3%.***

Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho y'ingo (EICV 7) bwagaragaje impamvu z'ingenzi ingo zimuka mu nzu (aho zabaga) mu Rwanda, harimo abubaka cyangwa abagura inzu, kujya mu nzu zirusha ubwiza izo bari basanzwemo n'ibindi.

Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NIRS) bugaragaza ko mu 2017, kubaka cyangwa kugura inzu ye bwite byari kuri 26,1% bigera kuri 26,3% mu 2024.

Mu 2017, hari abimutse bajya mu nzu nziza kurushaho byari kuri 29% naho mu 2024 bigera kuri 26,0%

Ku bijyanye n'igiciro cy'ubukode,



**Kwimuka biterwa n'impamvu zitandukanye**

bwavuye ku 9.1% mu 2017 bigera ku 10.4% mu 2024.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare cyatangaje ko abantu bimuka bahungishwa ibiza byavuye kuri 1.5% bigera kuri 3.3% naho Politiki yo gutuza abantu yari kuri 6.9% igera kuri 3.1% mu 2024.

# Gakenke: Inzu y'ababyeyi ya Rutake yabarinze kubyarira mu nzira

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ababyeyi bamaze gusezera ku ngendo ndende bakoraga bajya kubyarira kwa muganga, nyuma y'uko ku kigo nderabuzima cya Rutake hubatswe inzu y'ababyeyi ifasha abategereje kwibaruka, binabarinda kubyarira mu nzira kimwe no mu ngo.***

Abo babyeyi bo mu Karere ka Gakenke mu Murenge wa Janja, bavuga ko mbere bajyaga kubyarira kure, bamwe bakabura uburyo bwo kugera kwa muganga ku gihe, bikabagiraho ingaruka zirimo gupfusha abana cyangwa ababyeyi bakaba bahasiga ubuzima.

Nyiransabimana Joseline, umwe mu babyeyi bo muri uyu Murenge, yagize ati: "Ubu twararuhutse. Twajyaga kubyarira Mataba, ni urugendo rw'amasaha atatu. Abafashwe n'inda nijoro, imisozi y'iwacu ibabuza kugera kwa muganga ku gihe. Hari abapfiraga mu nzira, abandi bakabyarira mu ngo. Ariko ubu, kubera inzu y'ababyeyi ya Rutake, dutegereza turi hafi y'abaganga, bituma turushaho kugira icyizere cyo kubyara neza no kurindwa ibyago."

Abagabo na bo bavuga ko batewe ishema n'icyo cyemezo cy'ubuyobozi, kuko byabahaye amahoro mu rugo no mu miryango, nk'uko Niringiyimana Albert, umugabo wo muri Janja abivuga.

Yagize ati: "Twakundaga guhaguruka nijoro tujyanye abagore bacu ku bitaro bya kure. Twagendaga dusitara ku mabuye, tugaca mu nzira zitameze neza, byanateraga amakimbirane iyo utifatanyaga n'abandi guheka umubyeyi bagucaga amande. Ariko ubu, gusura umugore wabyaye ni hafi, nta mpungenge zikiriho."

Harerimana Jean Pierre, umuyobozi w'icyo kigo nderabuzima, avuga ko inzu y'ababyeyi yazanye impinduka nziza, kandi iruhura umubyeyi kubyara yakoze ingendo ndende

Yagize ati: "Inzu y'ababyeyi yatumye twagura serivisi, tubasha kwakira neza ababyeyi bitegura kubyara. Mbere, abana n'ababyeyi bararaga ku gitanda kimwe, bishobora guteza indwara. Ubu turabakangurira kudapfusha ubusa amahirwe bahawe, bakabyarira kwa muganga kandi bakitabira gahunda ya mituweli."

Icyo kigo nderabuzima cya Rutake, kimaze imyaka 21 gikorera mu Murenge wa Janja, kikaba gitanga serivisi ku baturage 856 bo mu Tugari twa Karukungu na Gashamba, ndetse no mu Mirenge iyegereye.

Kugeza ubu, icyumba cy'ababyeyi cyakira abantu 25, kivuye kuri 5 cyakiraga mbere y'iyubakwa ry'iyi nyubako nshya.

Raporo yakozwe n'ikigo cy'ubuzima mu Rwanda RBC mu Gushyingo 2021 igaragaza ko 94% by'ababyeyi babyariye mu bigo nderabuzima, ibitaro cyangwa amavuriro, mu gihe 6% babyariye mu ngo cyangwa ahandi hitaruye.



**Ikigo nderabuzima cya Rutake cyongerewe inyubako bifasha ababyeyi nubwo abaganga badahagije**

# Chriss Easy agiye gukorera indirimbo nyina witabye Imana

**MUTETERAZINA Shifah**


***Umuhanzi Chriss Easy urimo guca mu bihe bitoroshye byo kubura umubyeyi we (nyina) hamwe na nyirakuru yateguje indirimbo yahimbiye nyina.***

Yifashishije urubuga rwe rwa Instagram, Chriss Easy yateguje indirimbo yise Naumia, avuga ko yayihimbiye nyina bari inshuti.


Yanditse ati: "Sweetheart Mama, sinakuzanira indabo, sinabasha kugufata mu kiganza, ariko nagukoreye iyi ndirimbo ni yo mpano yonyine mfite kuguha nonaha."

Akomeza agira ati: "Ruhukira aho abamarayika baririmbira nanjye nzahora nkuririmbira inaha bihoraho, komeza ushashagirane nk'urumuri rw'ijuru rugukikije. Ndagukunda mah."

Chriss Eazy yapfushije nyina tariki 13 Kamena 2025, nyuma apfusha nyirakuru ku itariki ya 24 Kamena 2025.



Umuhanzi Chriss Eazy



Gatete Sharon yatangaje itariki y'ubukwe bwe na Ndasingwa

# Sharon Gatete yatangaje itariki y'ubukwe bwe na Chryso Ndasingwa

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuramyi Sharon Gatete yatangaje itariki y'ubukwe bwe na Chryso Ndasingwa bahuje umuhamagaro wo kuririmba indirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana.***

Ni nyuma y'iminsi mike Chryso Ndasingwa agaragaje ibyishimo by'uko yemerewe n'uwo mukobwa ko azamubera umugore, mu birori byo kumwambika impeta y'urukundo byabaye mu ijoro ry'itariki 25 Kamena 2025.

Itangazwa ry'iyo tariki ryagaragajwe n'abo bombi ku mbuga nkoranyambaga zabo mu mashusho batangarije ababakurikira bari kumwe agaragaramo iyo tariki byanditse mu ijambo rigira riti: "Umunsi wacu uhebuje urimo kwegereza ni 22 Ugushyingo 2025."

Aba bombi bakomeje imyiteguro y'ubukwe bwabo yabimburiwe n'ifatwa ry'irembo ryafashwe tariki 21 Kamena 2025 nkuko byatangajwe n'imwe mu nshuti zahafi za Sharon Gatete iherutse kubihamiriza Imvaho Nshya.

Chryso Ndasingwa na Sharon Gatete nibamara kubana bazaba biyongereye mu yindi miryango igera muri itaanu ibana ihuje umuhamagaro wo kuramya no guhimbaza Imana.





# APR BBC yatsinze Patriots isanga REG BBC ku mukino wa nyuma wa kamarampaka



Victor Mukama agerageza gutsinda amanota



APR BBC yegukanye intsinzi itsinze Patriots

***APR BBC yatsinze Patriots BBC amanota 81-67, yuzuza intsinzi eshatu kuri ebyiri mu mukino wa gatanu wa ½, igera ku mukino wa nyuma wa kamarampaka wa Shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Basketball 2024/25.***

Uyu mukino w'ishiraniro wabaye ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki ya 29 Kamena 2025, muri BK Arena.

Amakipe yombi yagiye gukina uyu mukino anganya intsinzi ebyiri, buri kipe isabwa gutsinda kugira ngo ibone itike yo gukina umukino wa nyuma wa kamarampaka.



Ntore Habimana agerageza gushaka inzira

Patriots BBC yari yagaruye Steve Hagumintwari waherukaga gukina ku mukino wa mbere kubera Ikibazo cy'imvune n'ubwo atahawe umwanya.

Umukino watangiye wihuta abarimo Adonis Filer na Cadeu Furah de Dieu batsinda ku mpande zombi. Aka gace karangiye APR BBC iyoboye umukino n'amanota 24 kri 20 ya Patriots BBC.

Mu gace ka kabiri, Patriots yagarukanye imbaraga itangira kugabanya ikinyuranyo abarimo Isaiah Williams na Bruno Nyamwasa ndetse banganya (28-28).

Mu minota itatu ya nyuma APR BBC yongereye ikinyuranyo cy'amanota ibifashijwemo na Robbeyns Williams na Ntore Habimana watsinze amanota atatu kabiri yikurikiranya.

Igice cya mbere cyarangiye APR BBC yatsinze Patriots BBC amanota 46-37.

Ikipe y'ingabo z'Igihugu yakomerejeho mu gace ka gatatu abarimo Ntore Habimana na Mukama Victor bongera ikinyuranyo cy'amanota.

Ku rundi ruhande Patriots BBC yagerageje kugabanya ikinyuranyo ibifashijwemo na Bruno Nyamwasa na Cadeu Furah de Dieu ariko biranga.

Aka gace karangiye APR BBC ikomeje kuyobora umukino n'amanota 60 kuri 50 ya Patriots BBC.

Mu gace ka nyuma, APR BBC yakomeje kongera ikinyuranyo, Robbeyns Williams na Ntore Habimana, Alioun Diarra batsinda amanota menshi ndetse ikinyuranyo kiba 22 (76-54).

Umukino warangiye APR BBC yatsinze Patriots BBC amanota 81-67, yuzuza intsinzi eshatu kuri ebyiri mu mukino wa gatanu wa ½, igera ku mukino wa kamarampaka wa Shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Basketball.

Muri uyu mukino Ntore Habimana wa APR BBC yatsinze amanota 18 akora Rebound 9.

Ku mukino wa nyuma APR BBC izahura na REG BBC yasezereye UGB BBC muri ½ iyitsinze imikino itatu ku busa.

Amakipe yombi azakina imikino ishobora kuzagera kuri irindwi, ikipe izatanga indi kubona intsinzi enye yegukane igikombe.

Umukino wa mbere, uteganyijwe ku wa Gatatu tariki ya 2 Nyakanga 2025, muri BK Arena.

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-19 TARIKI 24 - 30 KAMENA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Nkundabera na Mwamikazi begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ya 2025

***Nkundabera Eric ukinira Les Amis Sportifs na Mwamikazi Djazilla ukinira Ndabaga Women Cycling Team begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ya 2025.***

Kuri iki Cyumweru tariki 29 Kamena 2025 ni bwo hakinwe umunsi wa kabiri iri siganwa ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY), nyuma yaho ku wa Gatandatu Nirere Xaverine mu bagore na Niyonkuru Samuel mu bagabo, bombi bakinira Team Amani bahize abandi mu gusiganwa n'igihe buri muntu ku giti cye.




Nkundabera Eric ni we wegukanye shampiyona y'amagare mu bagabo

Mu ngimbi hatsinze Twagirayezu Didier wa Kayonza Cycling Club mu gihe mu bangavu hatsinze Izabayo Immaculée wa Bugesera Cycling Team.

Abakinnyi barushanwe mu cyiciro cy'abagabo, cy'abatarengeje imyaka 23 na 'juniors' [ingimbi zitarengeje imyaka 19]. Hari kandi n'icyiciro cy'abagore (abakuru n'abatarengeje imyaka 19).

Ku munsi wa kabiri w'iri siganwa abakinnyi bahagurukiye i Batsinda berekeza Shyorongi-Base-Gicumbi-Rukomo-Nyacyonga-Batsinda ku ntera y'ibilometero 162 ku bagabo bakuru n'abatarengeje imyaka 23 basiganwe ibilometero 162.

Abagore n'ingimbi basiganwe ku ntera y'ibilometero 126 bahagurukiye i Shyorongi bakomeza umuhanda wa Base - Gicumbi -Nyacyonga-Batsinda.

Ni mu gihe abangavu bahagurukiye i Gicumbi bagasoreza i Batsinda basiganwa kilometero 53,6.

Mu bagabo Nkundabera Eric "Buravan" ukinira Les Amis Sportifs yegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare akoresheje amasaha ane, iminota 13 n'amasegonda 48, yakurikiwe na Ngendahayo Jérémie warushijwe umunota umwe n'amasegonda 40.

Nimu gihe Masengesho Vainqueur wegukanye isiganwa riheruka yasoreje ku mwanya wa gatatu arushwa umunota umwe n'amasegonda 41.

Mu bagore, Mwamikazi Djazilla ukinira Ndabaga Women Cycling yegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ahigitse Ingabire Diane ufite eshatu zikurikiranya kuri Sprint aho bombi bakoresheje amasaha atatu, iminota 13 n'amasegonda 25 mu gihe uwa gatatu yabaye Nirere Xaverine warushijwe amasegonda atanu.

Mu ngimbi Ntirenganya Moïse ukinira Les Amis Sportifs ni we wegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare akoresheje amasaha atatu n'amasegonda atatu, yakurikiwe na Twagirayezu Dider wa Kayonza Cycling Team arusha isegonda rimwe mu gihe Nkurikiyinka Jackson wa Nyabihu Cycling Team warushijwe amasegonda abiri n'uwa mbere.

Mu bangavu hatsinze Masengesho Yvonne wa Ndabaga Women Cycling Team akoresheje isaha imwe, iminota 23 n'amasegonda 45 yakurikiwe na Uwiringiyimana Liliane wa Friends of Nature arusha amasegonda atatu mu gihe Ahishakiye Claudine wa Bugesera Cycling Team yarushijwe amasegonda 11 n'uwa mbere.

Umwaka ushize wa 2024, Shampiyona y'igihugu yegukanywe na Masengesho Vainqueur mu bagabo na Ingabire Diane mu bagore.



Shampiyona y'u Rwanda yakiniwe mu Karere ka Gicumbi, Nyarugenge na Gasabo